

Incamake ngirakamaro
Y'amateka y'intumwa
y'indobanure **Muhamadi** ﷺ
n'ibisingizo bye



اللغة الكينيارواندية

هيثم
سرطان
..الموقع الرسمي للشيخ..

HAYITHAM MWENE MUHAMADI SARHAAN

Cyasemuwe mu Kinyarwanda NA

Sheikh TWAGIRAMUNGU Mudathir

UBUNTU
NTIBYEMWE KUKIGURISHA



لِسِيرَةِ النَّبِيِّ الْمُصْطَفَى ﷺ وَشَمَائِلِهِ

**ICYAMAKE NGIRAKAMARO
Y'AMATEKA Y'INTUMWA Y'INDOBANURE MUHAMADI
(IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA) N'IBISINGIZO
BYE**



بقلم الفقير إلى عفو ربه:

هيثم بن محمد سرحان

**Cyanditswe n'ukeneye imbabazi z'Imana:
HAYITHAM MWENE MUHAMADI SARHAAN**

المدرّس بمعهد الحرم بالمسجد النبوي سابقاً -

والمشرف على موقع التأصيل العلمي

**Uwahoze ari umwarimu mu ishuri ry'isumbuye mu
Musigiti w'intumwa, akaba n'umuyobozi wa website:
attaseel - alelmi**

<http://attaseel-alelmi.com>

غفر الله له ولوالديه ولمن أعانته على إخراج هذا الكتاب

Imana imubabarire ibyaha we n'ababyeyi be n'abamufashije mu
gusohora iki gitabo.

Cyasemuwe mu Kinyarwanda

Na

Sheikh TWAGIRAMUNGU Mudathir



Vertion ya mbere

Uburenganzira byose kuri iki gitabo bwihariwe na nyiracyo
Usibye uwaba ashaka kugicapisha cyangwa kugisemura kugira ngo agitangire
Ubuntu, ariko abanje kuvugana n'umwanditsi wacyo.

Mushobora kutwandikira mukoresheje:

islamtorrent@gmail.com

Cyatangiwe uburenganzira na Ministeri y'itangazamakuru



ITANGIRIRO RY'IGITABO

KU IZINA RY'IMANA NYIRIMPUHWE NYIRIMBABAZI

Ishimwe n'ikuzo byuzuye bikwiye Imana niyo dusingiza tukanayisaba inkunga kandi tukayisaba imbabazi z'ibyaha, kandi twikinga ku Mana ngo iturinde ibibi by'imitima yacu n'ingaruka z'ibikorwa byacu bibi, uwahisemo kuyoboka Imana ikamutera inkunga ntawamuyobya, n'uwayobejwe n'irari ry'umutima we nta wamuyobora, ndahamya ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa mu kuri usibye Allah wenyine utagira uwo abangikanye nawe, nkanahamya ko Muhamadi ari intumwa y'Imana akaba n'umugaragu wayo, Imana yaravuze iti "Yemwe abemeye! Nimutinye Allah uko akwiye gutinywa, kandi ntimuzapfe mutari Abayisilamu (nyakuri)" Surat Al Imrani: 102. Na none Imana iti "Yemwe bantu! Nimutinye Nyagasani wanyu, we wabaremye abakomoye ku muntu umwe (Adamu), akamuremera umugore we [Hawa (Eva)] amumukomoyemo; muri abo bombi abakomoraho abagabo benshi n'abagore. Ngaho nimutinye Allah we musabana ku bwe kandi (mutinye guca) imiryango. Mu by'ukuri, Allah ni Umugenzuzi wanyu" Surat ANisaau: 1. Na none Imana iti "Yemwe abemeye! Nimutinye Allah kandi muje muvuga amagambo y'ukuri. (Allah) azabatunganyiriza ibikorwa byanyu anabababarire ibyaha byanyu. Kandi uzumvira Allah n'intumwa ye, rwose azaba atsinze bihambaye" Surat Al Ah'zab: 70-71.

Nyuma y'ibyo: Aya magambo ni make ariko ntibikwiye ko umuntu wese ufite umurava nubwo waba muke cyane wo kumenya intumwa ye, amateka yayo n'umuyoboro wayo ayayoberwa, Ibunil Qayimi (Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati "Niba kubaho neza k'umuntu hano ku isi no ku mperuka, bishingiye k'umuyoboro w'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ni ngombwa ko buri wese ufite umutima nama wifuza ko wazarokoka kandi ukazabaho mu munezero, ko agomba kumenya bimwe mu muyoboro we, amateka ye ndetse n'ibireba intumwa akabigiramo ubumenyi bwamukura mu kutabisobanukirwa, bukamushyira mu bayoboke b'intumwa ndetse n'ishyaka rye.





Ariko abantu kubyerekeye kumenya amateka y'intumwa barimo ibice, hari abazi makeye cyane hakaba n'abazi menshi ndetse n'abatagize icyo bayazimo. Ariko ibyiza byose biri mu maboko y'Imana, ibiha uwo ishaka, kandi Imana niyo Ny'iri ibyiza bihambaye”.

Ndasaba Imana Nyagasani ko yampa nyewe namwe gukunda intumwa yayo Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ikanaduha kuyumvira mubyo itegeka no kwirinda ibyo ibuza, Mana Nyagasani ha Muhamadi amahoro n'imigisha n'abi we nkuko wayahaye Ibrahimu n'abi we, unahe Muhamadi umugisha n'abi we nkuko wawuhaye Ibrahimu n'abi we, mu by'ukuri, wowe uri Ushimwa cyane kandi Usingizwa.





**IGICE CYA MBERE: IBISINGIZO BY'INTUMWA
MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO
N'IMIGISHA) N'UMUYOBORO WAYO.**



IBISINGIZO BY'INTUMWA MUHAMADI

IGISEKURU CY'INTUMWA MUHAMADI

Ni Muhamadi mwene Abdillahi mwene Abdul Mutwalib, mwene Hashim, mwene Abdul Manafi, mwene Quswayi, mwene Kilabu, mwene Murat, mwene Kaabu, mwene Luayi, mwene Ghalib, mwene Fihiri, mwene Maliki, mwene Nadwari, mwene Kinanat, mwene Huzayimat, mwene Mudirikata, mwene Iliyas, mwene Mudwar, mwene Nizari, mwene Maadi, mwene Adinani, Adinani uyu akaba yari umuhungu wa Ismail wari ugiye kubagwa na Ibrahimu umukunzi w'Imana (Imana imuhe amahoro). Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) akaba ariwe muntu urusha abandi ku isi igisekuru cyiza, Hadith ivuga ko **“Umwami w'abaromani Hariqal yabwiye Abu Sufyani ati: Nakubajije ku gisekuru cye? Umbwira ko we muri mwe afite igisekuru cyiza, kandi iyo ntumwa izatumwa mu bantu bayo niko izaba imeze”**

GUTORANYWA KWE

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti **“Imana yatoranyije Kinana mu rubyarw rwa Ismail, inatoranya Aba Qurayish mu rubyarw rwa Kinana, maze itaranya muba Qurayish Bene Hashim, hanyuma nanjye intoranya muri Bene Hashim”**.

AMAZINA Y'INTUMWA MUHAMADI

Amazina yose y'intumwa Muhamadi ni ibisingizo si amazina bwite aranga umuntu gusa, ahubwo ni amazina akomoka ku bisingizo biriho kandi bisaba gusingizwa kuzuye, mri yo twavuga:

MUHAMADI

Akaba ariryo zina rye rizwi cyane kandi ryamamaye mu mazina ye yose, akaba ari naryo yiswe muri Tawurati mu buryo bugaragara. Igisobanuro cyaryo: (Ufite byinshi ashimirwaho).

AHMADI

Bisobanuye: Ikiremwa gisingiza cyane Imana, akaba ashimwa n'ibiri mu birere no mu isi, ndetse n'ab'isi n'abo ku mperuka, kubera byinshi bimuranga, iryo zina akaba ariryo Yesu (Imana imuhe amahoro) yamwise.

AL MUTAWAKIL

Yiswe iryo zina kubera ko yiringiye Imana mu gushing idini, ukwiringira kutigeze kugira undi muntu.



AMAZINA Y'INTUMWA MUHAMADI	AL MAHIY	Al Mahiy (Uhanagura), ni uwo Imana yahanaguje ikanakuzaho ubuhakanyi, nta ntumwa n'imwe yakuyeho ubuhakanyi nkuko Muhamadi yabukuyeho.
	AL HASHIR	Al Hashir (Ukusanya), ni uzasusanyirizwa abantu imbere, nkaho azuwe ngo abakusanye.
	USOZA	Al Aqibu (Usoza), ni intumwa itazagira indi izaza nyuma yayo, ikaba imeze nk'umusozo.
	AL MUQAFIY	Al Muqafiy (Uhagarika), ni awa hagaritse, ibisigisigi by'abamubanjirije, Imana ikaba yarahagaritse kubera we ibisigisigi by'abamubanjirije.
	NABIYU TAWUBAT	Nabiyu Tawubat (intumwa yo kwicuza), ni uwo Imana yafunguriye abantu umuryango wo kwicuza kubera we, maze Imana yakira ukwicuza kwabo, nta ntumwa byigeze bibaho mbere ye, kandi intumwa Muhamadi yarushaga abantu bose gusaba imbabazi z'ibyaha no kwicuza.
	NABIYUL MALHAMAT	Nabiyul Malhamat (intumwa yatumwe kurwana Jihad), ni uwatumwe kurwana Jihad mu nzira y'Imana , nta ntumwa n'imwe yigeze irwana mu nzira y'Imana nkuko intumwa Muhamadi n'abantu be babikoze, kandi intambara zikomeye zabayeho, nta zigeze zibaho mbere yaho.
	NABIYUL RAHMAT	Nabiyul Rahmat (intumwa y'impuhwe), ni intumwa Imana yohereje ngo abe impuhwe ku bantu bose, kubera we Imana iha impuhwe ab'isi bose, ariko Abemera bo bakaba barahawe uruhare runini muri izo mpuhwe, naho abahakanyi abahawe igitabo muri bo babayeho muni y'umutaka we ndetse n'amasezerano ye.
	AL FAATHI	Al Faatih (Utsinda), ni uwo Imana yafunguje umuryango wo kuyoboka, nyuma y'uko wari ufunze, inamufunguza amaso y'impumyi, amatwi y'ibipfamatwi, imitima idanangiye, Imana inamufunguza ibihugu by'abahakanyi, inamufunguza imiryango y'ijuru, kandi imufunguza inzira nyinshi z'ubumenyi ngirakamaro ndetse n'ibikorwa byiza.





AMAZINA Y'INTUMWA MUHAMADI	AL AMINU	Al Aminu (umwizerwa), akaba ariwe mu by'ukuri, ukwiye iri zina mu bantu bose b'isi, ni umwizerwa w'Imana ku butumwa bwayo no ku idini ryayo, ni umwizerwa w'abo mu ijuru n'abo mu isi, ndetse abahakanyi b'Abaqurayishi ubwabo bamwise Al Aminu mbere yuko aba intumwa.
	AL BASHIR	Al Bashir (utanga inkuru nziza), uha abagandutse inkuru nziza y'ibihembo, akaba n'umuburizi w'ibihano ku bigomeka.
	SAYID WALADU ADAMU	Sayid Waladu Adam (Shebuja w'urubyaro rwa Adam), yaravuze ati "Njye nzaba Shebuja w'urubyaro rwa Adam ku munsu w'impruka kandi ntabwo ari ukwiyepera"
	A SIRAJUL MUNIRU	Sirajul Muniru (itara rimurika), ni utanga urumuri rudatwika, bitandukanye ni ijamba (Al Wahaja), yo itanga urumuri ariko harimo no gutwika. Akaba ari n'umugaragu w'Imana wihariye cyane kuko yujuje inzego zose zo kuba umugaragu w'Imana.
IBISINGIRO BY'INTUMWA MURI RUSANGE	Ibisingiro byuzuye by'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ni ibyo yisingije we ubwe, ko ari Muhamadi, umugaragu w'Imana n'intumwa yayo, ntabwo nifuzaga ko munzamura ku rwego rusumba urwo Imana Nyagasani yampaye.	
	Intumwa Muhamadi yarushaga abantu bose imiterere n'imico, Imana yaravuze iti "Kandi mu by'ukuri, wowe urangwa n'imico ihambaye" Surat Al Qalam: 4. Aisha (Imana imwishimire) nawe yaravuze ati "Imico y'intumwa Muhamadi yose yari Qor'an" niyo yakoresheje atarengera imbibe zayo, agashimishwa n'icyo ishima akanababazwa n'icyo yanga.	
	UMUKUNZI WI MANA	Intumwa Muhamadi yaravuze ati "Imana yangize inshuti nkuko yagize Ibrahimu inshuti"
UMUBIRI MUTAGATIWE W'INTUMWA	IBISINGIRO BY'IMITERERE Y'UMUBIRI WE	Anasi mwene Maliki (Imana imwishimire) yaravuze ati "Intumwa Muhamadi yararaga k'uburyo icyuza cye cyabengeranaga, akagenda ahamye ntiyambaraga Hariri kandi ibiganza bye byari byoroshye kurusha Hariri, nta nubwo nigeze nihumura impumuro nziza yaba iya Miski cyangwa An'bara iruta impumuro y'intumwa Muhamadi.





IBISINGIZO BY'IMITERERE Y'UMUBIRI WE	INDESHYO YE	Barau mwene Azibu (Imana imwishimire) yaravuze ati "Intumwa Muhamadi yararinganiye, intugu zagutse imisatsi igera ku matwi, namubonye yambaye umwambaro utukura, si ndabona ikintu kiza kiruta uko namubonye ameze.
	UBURANGA BWE	Kaabu mwene Maliki (Imana imwishimire) yaravuze ati "Maze nsuhije intumwa Muhamadi uburanga bwe bubengerana kubera ibyishimo, kuko iyo intumwa yishimaga uburanga bwe bwarabengeranaga nk'ukwezi twajyaga tumumenyera kuri ibyo" Barau yarabajijwe ati "Ese uburanga bw'intumwa Muhamadi bwabengeranaga nk'umuhoro? Aravuga ati: Oya ahubwo bwari nk'ukwezi"
	UMUSATSI WE	Anasi mwene Maliki (Imana imwishimire) yaravuze ati "Intumwa Muhamadi yari afite amaboko manini, imisatsi ye yari ikomeye ntabwo yari yorohereye itizinze itanarambuye cyane.
	AMASO YE	Jaberi mwene Samura (Imana imwishimire) yaravuze ati "Intumwa Muhamadi yarafite umunwa ugaye, n'amaso mu mweru wayo harimo umutuku, n'udutsisino tutabyibushye".
	ICYUYA CYE	Anasi mwene Maliki (Imana imwishimire) yaravuze ati "Intumwa yinjiye aho turi, maze aryamaho agatotsi k'agasusuruko abira icyuya, maze mama wanjye azana akabakure akajya atega ibyuya, maze intumwa Muhamadi abyutse aravuga ati: Yewe Mama Sulayimi ibyo nibiki wakoze? Ibi ni ibyuya byawe dushaka gushyira mu mibavu yacu kuko byo ariwo mubavu uruta indi yose.
	IKASHE Y'UBUTUMWA	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yari afite ikashe y'ubutumwa hagati y'ibitugu bye, yaragaragaraga cyane ku mubiri we, imvugo yaturutse kuri Jaberi mwene Samura (Imana imwishimire) yaravuze ati "Hanyuma mbona kasha mu bitugu bye imeze nk'igi ry'inuma isa n'umubiri we".





UKO IMICO YE YARI ITEYE	UKO YUBAHWAGA N'ABASANGIRANGENDO BE	Amuri mwene Aswi (Imana imwishimire) yaravuze ati “Nta muntu numwe nakundaga kuruta intumwa Muhamadi, nta n’umuntu nahaga agaciro kumurusha ntabwo byajyaga binkundira kumureba cyane kubera kumwubaha, niyo nabazwaga kuvuga imiterere ye sinabishoboraga kuko sinajyaga muhanga amaso”. Na Uruwatu mwene Masudi Athaqafiy amubwira Abakuratishi ku munsu wa Hodayibiyat yaravuze ati “Wallah ntabwo ndabona umwami wubahwa n’abantu be nk’uko Muhamadi bamwubaha, iyo agize icyo abategeko bihutira kugikora, niyo atawaje benda kwicanira kucyo yatawarijemo, niyo avuze bacisha bugufi amajwi yabo kuri we kandi ntibajya bamuhanga ijisho kubera kumwubaha.
	UKO YUBAHAGA IMANA	Abdullahi mwene Shikhiri (Imana imwishimire) yaravuze ati “Turavuga tuti wowe uri Databuja wacu, maze aravuga ati “Databuja ni Imana Nyagasani, turavuga tuti: ukanaba umwiza muri twe kandi udusumba, aravuga ati: Muvuge amagambo yanyu cyangwa amwe muri yo, muramenye ntimukoreshwe na Shitani.
	UBUTWARI BWE	Alliy (Imana imwishimire) yaravuze ati “Iyo ibintu byabaga bikomeye ibitero byahuye, twihishaga ku ntumwa Muhamadi ntawegeraga igitero kumurusha”.
	GUTINYA IMANA KWE	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Kandi mu by’ukuri, nyewe mbarusha guca bugufi ku Mana no kuyitinya”
	UMWIZA KU BIWE	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Umwiza muri mwe, ni ubanira neza ab’iwe, kandi nanjye mbarusha kubanira neza ab’iwanjye”.
	KUGIRA ISONI KWE	Abu Saidi Al Khuduriy (Imana imwishimire) yaravuze ati “Intumwa Muhamadi yagiraga isoni kurusha abakobwa bakiri iwabo, yabona ikintu atishimiye twabimenyeraga mu buranga bwe”.
	KOROHREZA KWE	Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati “Ntabwo intumwa Muhamadi yigeze ahitishwamo hagati y’ibintu bibiri, usibye ko yahitagamo icyoroshye muri byo, igihe kitari icyaha, cyaba ari icyaha yabaga uwa mbere kugihunga”.





UKO IMICO YE YARI ITEYE

NTYAYAGA
YIVUNA KU
GITE CYE

Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati "Ntabwo intumwa Muhamadi yigeze yivuna umuntu uwo ariwe wese kubera we ubwe, ahubwo yivunaga iyo hari ibyo Imana yaziririje byarengerewe".

NTYAYAGA
ASEBYA IBYO
LIDVA

Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati "Nta narimwe intumwa Muhamadi yigeze asebya ibyo kurya na rimwe, iyo yumvaga abishaka yarabiryaga yaba atabishaka akabireka".

YAYAGA
YEMERA
INTANSHYO

Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati "Intumwa Muhamadi yayyaga yemera intashyo ahawe, kandi akayishimira".

NTYAYAGA
SWADAQA

Intumwa Muhamadi yaravuze ati "Mu by'ukuri, umuryango wa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nturya Swadaqa".

GUCA BUGUFI KWE

Uqubatu mwene Amir (Imana imwishimire) yaravuze ati "Umuntu yaje ku intumwa Muhamadi aramuvugisha, maze umuntu atangira gutitira, intumwa Muhamadi iramubwira iti "Iyorohereze, kuko nyewe ntabwo ndi umwami, nyewe ndi umwana wabyawe n'umugore, urya Qadidi".

GUFASHA AB'IWE

Imvugo yaturutse kuri Al Asiwadu mwene Yazidi (Imana imwishimire) yaravuze ati "Nabajije Aisha (Imana imwishimire), icyo intumwa yayyaga ikora iwe mu rugo, aravugaga ati: Yayyaga afasha ab'iwe, igihe cy'isengesho cyagera akajya gusenga".

KWIRENGAGIZA
KWE INJJI

Intumwa Muhamadi yaravuze ati "Ese ntumutangazwa n'ukuntu Imana yankijije, ibitutsi n'imivumo y'aba Kurayishi? Bantukaga nabi bakanamvuma nabi, kandi njye ndi Muhamadi".

UKURI KWE

Abdullah mwene Masudi (Imana imwishimire) yaravuze ati "Intumwa Muhamadi yaraturutse kande we ni umunyakuri uruta abanyakuri bose".

IMICO YE KU
MUKOZI WE

Anasi (Imana imwishimire) yaravuze ati "Nakoreye intumwa Muhamadi imyaka icumi, ariko ndarahira izina ry'Imana ko atigeze ambwira nabi na rimwe, nta nubwo yigeze ambaza ku kintu nakoze ngo kuki wagikoze, cyangwa kucyo ntakoze ngo ambwire ngo kuki utagikoze utya".





UKO IMICO YE YARI ITEYE

KUBA UTARASHOBORAGA KUMUTANDUKANYA N'ABASANGIRANGENDO BE KU KINTU ICYO ARICYO CYOSE, NO KUBA YARI UWIHANGANIRA ABANTU

Anasi mwene Maliki (Imana imwishimire) yaravuze ati “Mu gihe twari twicaye mu Musigiti hinjiye umuntu uri ku ngamiya ye ayiryamisha mu Musigiti arangije arayizirika, maze arababwira ati “Muhamadi ninde muri mwe?, kandi intumwa Muhamadi nawe yari yegamye muri bo, turamubwira tuti: Ni uriya wera wegamye, uwo muntu aramubwira ati: Yewe mwene Abdul Mutwalib, intumwa iravuga iti: Nakwitabye, umuntu aravuga ati : Yewe Muhamadi, nyewe ngiye kukubaza kandi ibibazo bikomeye nubona nkugoye ntunfate nabi, intumwa Muhamadi iravuga iti “Baza icyo wifuza”. Umuntu aravuga ati: Nkubajije kubera Nyagasani wawe na Nyagasani w’abakubanjirije, ese koko Imana niyo yagutumye ku bantu bose? Intumwa Muhamadi aravuga ati “Nibyo” umuntu aravuga ati: Ndakubaza, ese Imana niyo yagutegetse ko tugomba gusenga amasengesho atanu ku manywa na ninjoro? Intumwa Muhamadi iti “Nibyo”. Umuntu ati: Ndakubaza Imana niyo yagutegetse ko tugomba gusiba uku kwezi mu mwaka? Intumwa Muhamadi ati “Nibyo”. Umuntu ati: Ndakubaza, Imana niyo yagutegetse ko ugomba gufata aya mature mu bakungu bacu maze ukayagabanya abakene bacu? Intumwa iravuga iti “Nibyo”. Umuntu aravuga ati: Nimeye ibyo wazanye, kandi mbaye intumwa ku bantu babije bari inyuma yanyije, nyewe ndi Dwimamu mwene Thaalabat umuvandimwe wa Bani Saadi mwene Bakari.

UMUGATI WE

Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati “Ntabwo umuryango wa Muhamadi wigeze urya umugati w’ingano ngo uhage iminsi ibiri ikurikirana, kugeza igihe intumwa Muhamadi yapfiriye”.

KUTITA CYANE KU BY’ISI KWE

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Nshimishwa no kuba nfitse zahabu ingana n’uyu musozi wa Uhudi, nyuma y’iminsi itatu nkaba nfitemo idinari rimwe, usibye icyo naba nsigaranye nicyaba ari icyo kwishyura umwenda, no kubivuga mu bagaragu b’Imana nti “Gutya na gutya na gutya”.

NTATUKANA

Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati “Ntabwo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yatukaga cyangwa ngo atukane ntiyajyaga atera urusaku mu isoko, ntiyajyaga yitura ikibi ikindi, ariko vaivaga ababarira akanarenzaho”.

NITYIGIZE AKORA MU BIGANZA BYA BAGORE

Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati “Ntabwo ikiganza cy’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) kigeze gikora mucy’umugore na rimwe”.





UKO IMICO YE YARI ITEYE

URUGO RWE N'IMIBEREHO YE

Umar (Imana imwishimire) yaravuze ati "Ninjiye ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), nsanga aryamye ku mukeka maze ndicara yiyegereza umwitero we niwo yari afite wonyine mbona umukeka wamwishushanyije ku itama, nuko ndebye mu bubiko bw'intumwa Muhamadi mbona harimo nk'icyibo kimwe cy'ingano n'utundi tuntu dukeya maze amaso yanjye azengamo amarira, intumwa Muhamadi iravuga iti "Ni iki kikuriye yewe mwene Khatwabi? Ndavuga nti: Yewe ntumwa y'Imana, ni iki cyatuma ntarira kandi mbona umukeka wishushanyije ku itama ryawe no mububiko bwawe mbona nta kintu kirimo, k'urundi ruhandi Kayizari na Kisira bibereye mu mbuto nyinshi n'imigezi itemba, kandi uri intumwa y'Imana n'umukunzi wawo none dore ububiko bwawe uko bumeze!? Intumwa Muhamadi aravuga ati "Yewe mwene Khatwabi, ese ntiwishimira ko byazaba ibyacu ku mperuka bikaba ibyabo hano ku isi? Ndavuga nti: nibyo.





IKIZAMINI CYA MBERE

IKIBAZO:	NIBYO	SIBYO
✳ Umunezero w'umuntu hano ku isi no ku mperuka ushingije k'umuyoboro w'intumwa Muhamadi	☐	☐
✳ Intumwa itumwa mu gisekuru cy'amantu bayo	☐	☐
✳ Ibisingizo byuzuye by'intumwa Muhamadi ni ibyo yisingije ubwe ati "Njewe Muhamadi umugaragu w'Imana n'intumwa yayo	☐	☐
✳ Hariri na Dibaji byorohereye kurusha ibiganza by'intumwa Muhamadi	☐	☐
✳ Imana yakusanyirije intumwa yayo imico yuzuye myiza, anamuha ubumenyi n'impano birimo kurokoka no gutsinda n'umunezero wok u isi no ku mperuka, bitahawe undi uwo ariwe wese ku isi	☐	☐
✳ Intumwa itari izi gusoma no kwandika, atarigeze yigishwa n'umwarimu w'umuntu	☐	☐

✳ Urusha ab'isi yose igisekuru cyiza muri rusangeni : Yunusu mwene Matayo ☐ Muhamadi mwene Abdullah ☐
✳ Amazina y'intumwa Muhamadi: Yose yari ibisingizo ☐ Yose yari amazina bwite yerekena uyitwa gusa ☐ akomorwa mu bisingizo afite bigomba gusingizwa byuzuye Byose ☐ icya mbere n'icya gatatu gusa ☐
✳ "Imico yose y'intumwa Muhamadi yari Qor'an" bisobanuye: Ashimishwa nicyo Qor'an yishimira ☐ Akanarakazwa n'ikinyuranye nayo ☐ Byose ☐
✳ Umukunzi w'Imana ni: Ibrahimu (amahoro abe kuri we) ☐ Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ☐
✳ Ibara ry'intumwa Muhamadi ryari ricyeye, bisobanuye: Umuhondo ☐ Umweru ☐ Umweru cyane ☐
✳ Umubavu uhumura cyane: Miski ☐ icyuya cy'intumwa Muhamadi ☐
✳ Intumwa Muhamadi yararinganiye ☐ aringaniye ☐ Muremure ☐
✳ Impeta y'ubutumwa bw'intumwa Muhamadi yari: Hagati y'ibitugu bye ☐ yasaga n'umubiri we ☐ yari imeze nk'igi ry'inuma ☐ Byose ☐

IMANA YATORANYIJE:	KINANA	MURI BANI HASHIM	ISMAIL	MURI QURAYISH
Kinana mu rubyar	☐	☐	☐	☐
Abakurayishi muri	☐	☐	☐	☐
Bani Hashimu muri	☐	☐	☐	☐
Intumwa Muhamadi muri	☐	☐	☐	☐



IGISEKURU CY'INTUMWA MUHAMADI:	IZINA RYE	IRYA SE	IRYA SEKURU	SEKURUZA	SE WA SEKURUZA	SEKURU WA NYUMA
Hashim	☐	☐	☐	☐	☐	☐
Abdul Mutwalib	☐	☐	☐	☐	☐	☐
Abdullah	☐	☐	☐	☐	☐	☐
Muhamadi	☐	☐	☐	☐	☐	☐
Ismail	☐	☐	☐	☐	☐	☐
Ibrahimu	☐	☐	☐	☐	☐	☐

Ufite byinshi ashimirwaho	☐	☐	☐	☐
Nta ntumwa izaza nyuma ye	☐	☐	☐	☐
bityo ameze nk'umusozi	☐	☐	☐	☐

INTUMWA MUHAMADI YARI:	IBIGANZA	IMPUMURO	KUBANIRA NEZA	IMITERERE N'IMICO	GUTINYA IMANA
Mwiza kuruta abandi	☐	☐	☐	☐	☐
Yorohereye kuruta abandi	☐	☐	☐	☐	☐
Abarusha	☐	☐	☐	☐	☐
Anarangwa kubasha	☐	☐	☐	☐	☐
Akaze kubarusha	☐	☐	☐	☐	☐

INTUMWA MUHAMADI :	KUBERA IMANA	IBYO KURYA	KUBWE	ISADAKA	INTASHYO
Ntiyivunaga kubwe	☐	☐	☐	☐	☐
Ahubwo yivunaga	☐	☐	☐	☐	☐
Ntiyigeze asebya	☐	☐	☐	☐	☐
Yakiraga akanashimira ku	☐	☐	☐	☐	☐
Ntabwo yakiraga	☐	☐	☐	☐	☐

UMUYOBORO W'INTUMWA MUHAMADI

UMUYOBORO W'INTUMWA MUHAMADI MU KWAMBARA, KURYA NO KUNYWA	AMABARA YAKUNDAGA	Amabara intumwa Muhamadi yakundaga ni umweru, yaravuze ati “Umweru niwo mwambaro mwiza wany, bityo mujye muwambara kandi muwushyinguremo imirambo yanyu”.
	IMYAMBARO YE	Intumwa Muhamadi yambaraga imyambaro ibonetse, yaba ikoze mu bwoya rimwe na rimwe, cyangwa ikozwe mu ipamba, kandi iyo yambaraga ikanzu yabanzaga indyo.
	KWAMBARA KWE BICIRIRITSE	Bamwe mu batubanjirije mu kwemera baravuze bati “Bajyaga banga kwamamara ku myambaro ibiri, imyambaro yo hejuru cyane n’imyambaro yo hasi cyane” no muri Hadith ya Ibun Umari (Imana imwishimire) iragira iti “Umuntu wambaye umwambaro kugira ngo amenyekane, Imana ku muni w'imperuka izamwambika umwambaro w'igisuzuguriro, hanyuma ucanywemo umuriro” kuko azaba yawambaye agamije kwirata no kwiemera maze Imana ikamuhana, n'imvugo yaturutse kuri Ibun Umari (Imana imwishimire) na none avuga ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ati “Uzambara umwambaro ukurura hasi agamije kwibona, uwo ntabwo Imana izamureba ku muni w'imperuka.
	IBYO KURYA BY'INTUMWA MUHAMADI	Intumwa Muhamadi ntiyasubizagayo ibityo bihari, nta nubwo yashyiragaho umwete gushaka ibidahari, ikintu cyose kiribwa mu byiza bamuzaniraga yarakiryaga, ariko icyo umutima we utishimiraga yarakirekaga ariko atakiziririje. Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati “Intumwa Muhamadi ntiyigeze asebya asebya ibyo kurya na rimwe, iyo yabishakaga yarabiryaga yaba atabishaka akabireka” nkuko yaretse kurya Dwabu kubera ko atigeze ayirya mu buzima bwe.
	UBURYO YARYAGA MO	- Intumwa Muhamadi, kenshi yariraga hasi ku mukeka. - Akarisha intoki ze eshatu. - Ntabwo yajyaga aya yegamye. - Yavugaga izina ry'Imana atangiye kurya, akanayishimira arangije. - Iyo yarangizaga kurya yarigataga intoki ze.
	IBINYOBWA BYE	- Intumwa Muhamadi, kenshi cyane yanywaga ikintu yicaye, ndetse yabuzaga abantu kunywa bahagaze, bikaba byemewe igihe hari impamvu ibuza umuntu kwicara. - Iyo yagiraga icyo anywa yanaherezaga uri iburyo bwe, n'ubwo ibumoso bwe haba hari umuruta ubukuru.



UMUYOBORO W'INTUMWA MUHAMADI MU GUSHYINGIRA NO KUBANA

- Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Muri iyi si yanyu nakundishijwe abagore n'amarashi, kandi igishimisha cyanyije cyashyizwe mu isengesho".
- Intumwa Muhamadi yajyaga agabanya abagore be amazamu mu kuryama no mu mafunguro.
- Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati "Iyo intumwa Muhamadi yashakaga kujya mu rugendo, yakoraga tombora mu bagore be, maze uwo iguyeho akaba ari we ajyana nawe".
- Imibanire ye n'abagore be yari myiza akabana nabo mu mico myiza.
- Yajyaga yohereza abakobwa b'aba Answaru gukina na Aisha, iyo yagiraga icyo ashaka kitaziririje yakurikiranaga Aisha.
- Yajyaga aruhukira munzu ya Aisha, agasoma Qor'an rimwe na rimwe Aisha ari mu mihango.
- Yajyaga ategeka Aisha igihe ari mu mihango ngo yigire neza hanyuma akamukinisha.
- Yajyaga asoma Aisha kandi asibye.
- Intumwa Muhamadi mu koroha kwe n'imico myiza ye mub'iwe, yajyaga aha umwanya Aisha wo gukina, bagasiganwa, intumwa yamusize kabiri mu rugendo, baranasunikagana mu gushohoka mu nzu rimwe.
- Iyo intumwa yajyaga ku rugendo akagaruka ntabwo yakomangiraga ab'iwe ninjoro kandi yarabibuzaga.

UMUYOBORO W'INTUMWA MUHAMADI MU KURYAMA NO KUBYUKA

- Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iyo yaryamaga ku buriri bwe yaravugaga ati "BISMIKA ALLAHUMA AH'YA WA AMUTU" kandi n'iyi yageraga ku buriri bwe buri joro, yegeranyaga ibiganza bye maze akabivuma mo agasomeramo "QUL HUWA LLAHU AHADI" na "QUL AWUDHU BIRABIL FALAQI" na "QUL AWUDHU BIRABI NASI" yarangiza akabihanaguza aho ashoboye gukora hose ku mubiri we ahereye ku mutwe we no mu buranga bwe n'igice cye cy'imbere, ibyo akabikora inshuro eshatu" kandi intumwa Muhamadi iyo yashakaga kuryama yiseguraga ukuboko kwe kw'iburyo yarangiza akavuga ati "ALLAHUMA QINIY ADHABAKA YAWUMA TABUATHU IBADAKA" akabivuga inshuro eshatu. N'iyi yabyukaga yaravugaga ati "AL HAMDU LILAH LADHIY AH'YANA BAADA MA AMATANA WA ILAYIHI NUSHURU" hanyuma akoza mu kanwa.
- Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga aryama mu ijoro rya mbere, hanyuma agakora igihagararo mu ijoro rya nyuma, hari igihe yajyaga ataramana n'abayisumu kubera inyungu z'abayisumu.
- Intumwa Muhamadi amaso ye yaryamaga ariko umutima we nturyame.
- Intumwa Muhamadi iyo yaryamaga nta wamubyutsa kugeza ubwe yibyukije.
- Gusinzira kwe byari mu rugero, kandi ibyo nibyo bifite akamaro.





UMUYOBORO W'INTUMWA MUHAMADI MU MIKORANIRE YE N'ABANDI

- Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yajyaga atera urwenya ariko mu rwenya rwe akarangwa n'ukuri.
- Yajyaga avuga ikintu agamije ikindi ariko muri ibyo nabwo akarangwa n'ukuri.
- Intumwa Muhamadi yajyaga agira inama abantu kandi nawe akazigisha.
- Intumwa Muhamadi, yajyaga asura abarwayi, agaherekeza imirambo, yitabaga ubutumire, akifatanya na n'abapfakazi n'abakene n'abanya ntege nke mu bibazo byabo.
- Yumvise ibisigo byiza birata, ahemba nyirabyo, ibisigo yasingijwemo ni bikeya ugereranyije n'ibisingizo bye, naho ibisingizo byasingijwe abandi bantu ibyinshi muri byo ni ibinyoma.
- Yatunganyaga urukweto rwe ubwe n'umwenda we akawutera ikiremu we ubwe, agahoma indobo ye, agakama intama ye, agafura umwambaro we, agafasha ab'iwe, yikoreye amatafari yo kubaka umusigiti.
- Yahambiriye mu nda ye ibuye rimwe na rimwe kubera inzara, rimwe na rimwe akarya agahaga.
- Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakiriye abashyitsi kandi nawe yabaye umushyitsi ku bandi.
- Intumwa Muhamadi yarirumikishije (Hijamat) mu mutwe we hagati no ku kirenge cye n'ahandi.
- Intumwa Muhamadi yarivuje aca indasago ariko we ntiyaziciwe, yasomeye abantu Ruqiyat ariko we ntiyigeze asaba kuyisomerwa, akingira abarwayi ibibabuza amahoro.
- Intumwa Muhamadi yabaniraga neza abantu, iyo yasabaga inguzanyo yishyuraga ibyiza kuyirusha.

UMUYOBORO WE MU KUGENDA KWE

- Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iyo yagendaga yarihutaga kandi akagenda neza atuje.
- Yihutaga kurusha abasangirangendo be bakagorwa kugira ngo bamushyikire.
- Yajyaga agenda atambaye inkwe ndetse akanagenda azambaye.
- Hari igihe abasangirangendo be bamujya imbere nawe akagenda inyuma yabo.
- Intumwa Muhamadi kandi yajyanaga n'abasangirangendo be umwe cyangwa benshi

UMUYOBORO WE MU GUSINGIZA IMANA KWE

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yari umuntu usingiza Imana mu buryo bwuzuye kurusha abantu bose, ndetse amagambo ye yose yari ugusingiza Imana, yajyaga asingiza Imana igihe abyutse, mu gufungura isengesho, n'iyi yasohokaga mu rugo iwe, n'iyi yinjiraga mu Musigiti, akanasingiza Imana mu gitondo na nimugoroba, n'igihe yambaye imyambaro, n'igihe yinjiye cyangwa asohotse mu rugo, n'iyi yinjiraga mu bwiherero na mbere yo gutawaza na nyuha yahoo, n'igihe yumvise Adhana n'igihe yabonaga ukwezi gutangiye na mbere yo kurya na nyuma yahoo ndetse n'igihe yitsamuye.





SUNA ZA KAMERE N'IBIJANYE NAZO	KUBARURA SUNA ZA KAMERE	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Ibintu icumi biri muri kamere: Kugabanya ubwanwa bwo hejuru, gutereka ubwanwa, gukubita umuswaki, gushoreza amazi, guca inzara, koza ingingo z'intoki, gupfura ubucakwaha, kogosha insya, kugabanya amazi" Uwakiriye iyi Hadith yibagiwe icya Cumi.
	KUBANZA KWE UBURYO	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga ikunda kubanza uburyo mu kwambara inkweto no mu kugenda kwe, mu kwisukura kwe, gufata no kwakira kwe, ukuboko kwe kw'iburyo yagukoreshaga mu kurya, kunywa no kwisukura, naho imoso ye akayikoresha mu bwiherero no mu bindi yikuraho umwanda.
	KOGOSHA KWE	Umuyoboro w'Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu kwiyogoshesha, yogoshaga umusatsi wose cyangwa akawureka wose.
	KOZA MU KANWA KWE	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakundaga koza mu kanwa akahoza yaba asibye cyangwa adasibye, n'igihe abyutse, igihe arimo gutawaza, n'igihe cy'Isi, n'igihe yinjiye iwe, mukoza mu kanwa yajyaga akoresha igiti cyitwa ARAKI.
	AMARASHI YE	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yisigaga amarashi cyane kandi akayakunda.
	UBWANWA BWO HEJURU N'UBWO HASI	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Muje munyuranya n'ababangikanya Mana mutereke ubwanwa munagabandi ubwanwa bwo hejuru.
	KUGENA IBHE	Anasi (Imana imwishimire) yaravuze ati "Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yadushyiriye ho ibihe byo kugabanya ubwanwa bwo hejuru no guca inzara, ko tutagomba kurenza iminsi mirongo ine"
UMUYOBORO WE MU KUVUGA KWE	AMAGAMBO Y'INTUMWA MUHAMADI	- Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati "Ntabwo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga avuga amagambo yungikanya, ahubwo yajyaga avuga amagambo anyuzamo akanya k'uburyo uwabaga yicaye aho yabashaka kuyafata mu mutwe". - Kenshi yajyaga asubiramo amagambo inshuro eshatu kugirango yumvikane, yanasuhuza agasuhuza gatatu. - Ntabwo yakundaga kuvuga bitari ngombwa, yanavugaga akavugaga amagambo make asobanuye byinshi. - Ntabwo yajyaga avuga ibitamureba, yavugaga ibyo agamijemo ibihembo ku Mana. Nti yavugaga amagambo mabi no gutukana kandi ntiyateraga urusaku.





UMUYOBORO WE MU MAGAMBO YE GUSEKA KWE KURIRA KWE NO MU NYIGISHO ZE	GUSEKA KWE	Guseka kw'intumwa Muhamadi kenshi byari ukumwenyura, guseka kwe cyane kwari ukugaragaza ibijigo bye.
	KURIRA KWE	- Ntabwo yariraga ngo asohore ijwi, ariko amaso ye yamenaga amarira kuburyo wumvaga ijwi mu gituza cye. - Kurira kw'intumwa Muhamadi rimwe na rimwe byabaga ari impuhwe afitiye uwapfuye ubundi bikaba ari ubwoba afitiye abantu be nimpuhwe kuri bo, hari n'igihe yariraga ari ugutinya Imana, ubundi akarira yumvise Qor'an.
	INYIGISHO ZE	- Intumwa Muhamadi yigishije ahagaze ku butaka, yigisha ahagaze kuri Mimbari, anigisha ari hejuru y'indogobe ndetse yigisha ari hejuru y'ingamiya. - Jaber (Imana imwishimire) yaravuze ati "Kandi iyo intumwa Muhamadi yatangaga inyigisho, amaso ye yaratukuraga, ijwi rye rikazamuka, akarakara akamera nk'umuntu urimo kuburira igitero". - Ntabwo yajyaga atanga inyigisho atazitangije gusingiza Imana. - Yajyaga atanga inyigisho buri gihe zijyanye n'ibyo abumva bakeneye ndetse ziri mu nyungu zabo.





IKIZAMINI CYA KABIRI

IKIBAZO:

NIBYO SIBYO

- | | | |
|---|--------------------------|--------------------------|
| ☐ Intumwa Muhamadi iyo yambaraga ikanzu yaheraga iburyo bwe | ☐ | ☐ |
| ☐ Kenshi yajyaga arira ku mukeka hasi niyo yari ameza ye | ☐ | ☐ |
| ☐ Iyo yajyaga ku rugendo akagaruka ntiyakomangiraga ab'iwe ninjoro kandi yarabibuzaga | ☐ | ☐ |
| ☐ Yahambiraga ibuye mu nde rimwe na rimwe kubera inzara ubundi agahaga | ☐ | ☐ |
| ☐ Yarivuje atera umwotso ariko we ntiyabikorewe asomera abantu Ruqiya ariko we ntiyayikorewe | ☐ | ☐ |
| ☐ Ntabwo yajyaga akora ibyo abantu bageragereshejwe impagarara z'umutima bakora | ☐ | ☐ |
| ☐ Yatumwe ahaye amategeko y'impuhwe, anyuranye n'ibintu bibiri: Ibangikanya, no kuziririza ibiziruye | ☐ | ☐ |
| ☐ Abana be bari barindwi, abahungu bane n'abakobwa batatu | ☐ | ☐ |
| ☐ Abana be bose babyarwaga na Khadija ntabwo intumwa yabyaranye n'undi mugore utari we | ☐ | ☐ |
| ☐ Abana be bose bapfuye intumwa Muhamadi akiriho | ☐ | ☐ |
| ☐ Nta mpaka ko intumwa Muhamadi yapfuye afite abagore icyenda: Aisha, Hafisa, Zayinabo mwene Jahashi, Umu Salama, Swafiya, Umu Habiba, Mayimuna, Sawuda na Juwayiriya. | ☐ | ☐ |
| ☐ Khadija Imana yamwoherereje indamutso y'amahoro (Salamu) izanywe na Jibril, uyu ukaba ari umwihariko kuri we utazwi k'uwundi mugore uwo ariwe wese | ☐ | ☐ |

- ☐ Imyambaro y'intumwa Muhamadi: Ntiyambara ubwoya ☐ Yambaraga ipamba ☐ Yambaraga ibonetse yose ☐ icya mbere n'icya kabiri gusa ☐
- ☐ Imyambaro y'intumwa Muhamadi: Imyambaro ihenze ☐ Imyambaro iciye bugufi kubera kutita ku by'isi ☐ Iyo hagati no hagati ☐
- ☐ Intumwa Muhamadi yajyaga avuga izina ry'Imana, akanayishimira: Ku ntangiriro zo kurya ☐ arangije kurya ☐ kuntangiriro no kumpera ☐
- ☐ Kenshi intumwa Muhamadi yanywaga: Yicaye ☐ Ahagaze ☐ Byose ☐
- ☐ Intumwa Muhamadi yaravuze ati "Nakundishijwe mu isi yanyu": Abagore ☐ amarashi ☐ Byose ☐
- ☐ Intumwa Muhamadi yaravuze ati "Umunezero wanjye washyizwe mu": Ijuru ☐ iswala ☐ Byose ☐
- ☐ Imibereho y'intumwa Muhamadi n'abagore byari ukubana: Ukubana neza ☐ imico myiza ☐ Byose ☐
- ☐ Anasi yaravuze ati "Intumwa Muhamadi yadushyiriyeho ibihe byo kugabanya ubwanwa bwo hejuru, guca inzara ko tutagomba kubireka iminsi irenze (.....): Iminsi mirongo itatu ☐ Iminsi mirongo ine ☐ Iminsi mirongo itanu ☐
- ☐ Umuyoboro w'intumwa Muhamadi mu kogosha umutwe: Kogosha hamwe agasiga ahandi ☐ Kogosha umwe wose cyangwa kuwureka wose ☐
- ☐ Intumwa Muhamadi yakundaga koza mu kanwa kandi yakubitaga umuswaki : Adasibye ☐ Asibye ☐ Byose ☐





- ☼ Uguseka kw'intumwa Muhamadi kose kwari: Ukumwenyura ☐ Akenshi kwari ukumwenyura ☐
- ☼ Intumwa Muhamadi yatumwe: Ku bantu bose ☐ Ku bantu no ku Majini ☐
- ☼ Umukobwa mwiza w'intumwa Muhamadi kuruta abandi muri rusange ni: Bose ☐ Ni Fatwima ☐ Ni Zayinabo ☐
- ☼ Nta wah'yi yigeze imanuka mu nzu y'undi mugore utari we: Hafisa ☐ Umu Salamat ☐ Aisha ☐

INTUMWA YAJYAGA:	UMURAMBO	UBUTUMIRE	UMUPFAKAZI N'UMUKENE UMUNYA NTEGE NKE	UMURWAYI
Yasuraga	☐	☐	☐	☐
Yaherekezaga	☐	☐	☐	☐
Yitabaga	☐	☐	☐	☐
Yifatanyaga	☐	☐	☐	☐

MU BIKORWA BY'INTUMWA:	INTAMA YE	AMATAFARI YO KUBAKA UMUSIGITI	IMYENDAYE N'ITOKI ZE	IKWETO ZE N'ITOKI ZE	ABANTU B'IWE NA WE
Yabohaga	☐	☐	☐	☐	☐
Yateraga ikiraka	☐	☐	☐	☐	☐
Yakamaga	☐	☐	☐	☐	☐
Yafashaga	☐	☐	☐	☐	☐
Yikorera					

NI MURI SUNA ZA KAMERE:	INZARA	UBUCAKWAHA	INSYA	UBWANWA	UBWANWA BWO HEJURU
Kugabanya	☐	☐	☐	☐	☐
Gutereke	☐	☐	☐	☐	☐
Guca	☐	☐	☐	☐	☐
Gupfura	☐	☐	☐	☐	☐
Kogosha	☐	☐	☐	☐	☐





UMUYOBORO W'INTUMWA MU KURYA:	IBYABUZE	USIBYE KO AKIRYA	AKAKIREKA ATAKIZIRIRIJE	IGIHARI
Ntiyasubizagayo	☐	☐	☐	☐
Ntabwo yihatiraga	☐	☐	☐	☐
Yegerezwaha ikintu cyiza	☐	☐	☐	☐
Usibye igihe atagikunze we ubwe	☐	☐	☐	☐

INTUMWA YAJYAGA:	ARANGIJE	KURYA	URUTOKI RUMWE	ESHANU AKIGIZAYO BUHORO	GATATU
Arisha intoki ze	☐	☐	☐	☐	☐
Akazirigata	☐	☐	☐	☐	☐
Ariyo yicyubahiro	☐	☐	☐	☐	☐
Uwibona aya	☐	☐	☐	☐	☐
Igisambo kirya	☐	☐	☐	☐	☐



BIMWE MUBY'UMWIHARIKO WE

BIMWE MU BINTU BY'UMWIHARIKO W'INTUMWA MUHAMADI

YATUMANYWA IDINI
ITABANGIKANYA KANDI
Y'IMPUHWE

Ibunil Qayimu (Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati “Kuba idini ya Islamu ari Hanafiyat Samuha, ni Hanafiyat mu iyoboka Mana ikaba Samuha mu mico, ibinyuranyo by'ibintu bibiri: Ibangikanya no kuziririza ibiziruye

YATUMWE KU
BANTU NA
MAJIRI

Intumwa Muhamadi yaravuze ati “Intumwa zajyaga zitumwa ku bantu bazo by'umwihariko, ariko nyewe natumwe ku bantu bose”

IGITABO CYE
N'YUGABUTUMWE
A RYE

Imana Nyagasani yaravuze iti “Alif Lam Mim, (Iki ni) igitabo twaguhishuriye (yewe Muhamadi) kugira ngo ukure abantu mu mwijima (w'ubuhakanyi) ubaganisha ku rumuri (rwo kwemera Imana imwe), ku bw'ubushake bwa Nyagasani wabo, ubageze mu nzira ya Nyirimbaraga zihebuje, Ukwiye ibisingizo byose”. Surat Ibrahim

IBITANGAZA BYE

Igitangaza gikomeye cy'intumwa Muhamadi ni Qor'an, nta gitangaza icyo aricyo cyose cyahawe intumwa cyangwa umuhanuzi uwo ariwe wese mbere ye, usibye ko n'intumwa Muhamadi yaragifiteho.

KUMUKUNDA
NYO DINI

Intumwa Muhamadi yaravuze ati “Ntabwo umwe muri mwe azaba umwemera w'ukuri, atarankunda kurusha umwana we n'umubyeyi we ndetse n'abantu bose muri rusange”.

ITEGOKO
RY'UWANGA
INTUMWA
MUHAMADI

Umuntu wanga intumwa Muhamadi, uwo aba ari umuhakanyi ukoze ubuhakanyi bukuru, Imana yaravuze iti “Mu by'ukuri, ukwanga ni we nyakamwe (ntazigera abona ibyiza haba ku isi ndetse no ku mperuka).” Surat Al Kawuthar.

UMUKUNZI
W'IMANA

Intumwa Muhamadi yaravuze ati “Mu by'ukuri, Imana yangize umukunzi nk'uko yagize Ibrahim umukunzi”

UMWE MU
INTUMWA
ZIHANGANYE
KURUSHA IZINDI

Imana yaravuze iti “(Unibuke) ubwo twahaga abahanuzi isezerano rikomeye, ndetse nawe (Muhamadi), Nuhu, Ibrahimu, Musa, na Issa mwene Mariyamu” Surat Al Ah'zab: 7.

UBUMENYI BWE

Intumwa Muhamadi yaravuze ati “Mu by'ukuri, nyewe mbarusha kumenya Imana” n'Imana yaravuze iti “Ugaga (yewe Muhamadi) uti “Simbabwira ko mfite ibigega bya Allah, nta n'ubwo nzi ibitagaragara, ndetse nta n'ubwo mbabwira ko ndi Malayika” Surat Al An'am: 50.



BIMWE MU BINTU BY'UMWIHARIKO W'INTUMWA MUHAMADI	ITEGEKO RY'UWUMVIRA INTUMWA MUHAMADI	Imana yaravuze iti "Vuga (yewe Muhamadi) uti"Niba koko mukunda Allah nimunkurikire, Allah azabakunda anabababarire ibyaha byanyu". Surat Al Im'ran: 31. Na none Imana iti "Ntimucike integecyangwa ngo mugire agahinda, kandi ari mwe muri hejuru (mufite intsinzi), niba koko muri abemera" Surat Al Im'ran: 139. Intumwa Muhamadi yaravuze ati "Buri wese azinjira mu ijuru usibye utazabyemera, baravuga bati: Ninde yabyanga yewe ntumwa y'Imana? Aravuga ati "Uzanyumvira azinjira mu ijuru, n'uzanyigomekaho uwo azaba yanze kuryinjiramo" Na none intumwa iti "Imana yageneye igisuzuguriro no kuba hasi y'abandi umuntu uzanyuranya n'amategeko yanyije".
	UMATY'INTUMWA MUHAMADI	Imana Nyagasani yaravuze iti "Muri umuryango uboneye watoranyirijwe abantu; mubwiriza ibyiza mukabuza ibibi kandi mukanemera Allah. Iyo abahawe igitabo baza kwemera" Surat Al Im'ran: 110. Intumwa Muhamadi yaravuze iti "Ndahiye k'uwo umutima wanyije uri mu maboko ye, nyewe nifuzako mwazaba muri icya kabiri cy'abantu bo mu ijuru"
	IGIHUGU CY'INTUMWA MUHAMADI	Igihugu cy'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ni Makka, Imana Nyagasani yaravuze iti "Mu by'ukuri, ingoro ya mbere yashyiriweho abantu (kugira ngo isengerwemo Allah) ni ya yindi iri i Baka (Makka); yuje imigisha ikaba n'umuyoboro ku biremwa" "Irimo ibimenyetso bigaragara; (muri byo hari) ahantu Aburahamu yahagaze (ayubaka); kandi uyinyiyemo aba atekanye. Allah yategetse abantu gukora umutambagiro mutagatifu (Hija) kuri iyo ngoro k'ubifitiye ubushobozi. Uzahakana (itegeko rya Hija), mu by'ukuri, Allah arihagije ntacyo akeneye ku biremwa". Surat Al Im'ran: 96-97. Makka ikaba ari igihugu Imana yahaye ubutagatifu, Intumwa Muhamadi yaravuze ati "Mu by'ukuri, iki gihugu Imana yagitagatifuje umunsi iremaho ibirere n'isi, kikaba ari ahantu hatagatifu biturutse ku Imana, kandi Makka ni igihugu cy'abayisumu kuzageza ku munsi w'imperuka. Intumwa yaravuze iti "Nta kwimuka (kwemewe) nyuma yo gufungura umujyi wa Makka"
	QIBLA Y'INTUMWA MUHAMADI	Qibla y'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ni Makka, ariko mbere yuko yerekera Makka yabanje kwerekera i Yeruzalemu (Bayitul Maqidas), Imana yaravuze iti "Mu by'ukuri, tubona uburanga bwawe buhora bwerekera hirya no hino mu kirere. Rwose tuzakwerekeza mu cyerekezo wishimiye. Ngaho erekeza uburanga bwawe ku Musigiti Mutagatifu (Al Ka'aba i Maki) n'aho muzaba muri hose muje muwerekezaho uburanga bwanyu" Surat Al Baqarat: 144. Kandi Umusigiti wa Makka niwo Musigiti wa mbere washyizwe ku isi, Abu Dhari (Imana imwishimire) yaravuze ati "Nabajije intumwa Muhamadi kubyerekeye umusigiti wa mbere wubatswe ku isi, aravugaga ati "ni Umusigiti wa Makka". Intumwa Muhamadi yaravuze iti "Uzajya kuri iyi nzu ntakore ubwononnyi, cyangwa ubundi bukozi bw'ibibi, uwo azagaruka ameze nk'uko nyina yamubyaye ameze"





**BIMWE MU BINTU BY'UMWIHARIKO
W'INTUMWA MUHAMADI**

QIBLA Y'INTUMWA MUHAMADI

intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Iswala imwe isengewe mu Musigiti wa Makka, ingana n'iswala ibihumbi ijana (100.000), n'iswala imwe isengewe muri uyu Musigiti wanjye (wa Madinah), ingana n'iswala igihumbi (1000), n'iswala imwe isengewe muri Bayitul Maq'dis, ingana n'iswala magana atanu (500)". Na none intumwa Muhamadi yaravuze ati "Ntibyemewe gukora urugendo ujya k'umusigiti uwo ariwo wose, usibye ku Misigiti itatu gusa: Umusigiti wa Makka, Umusigiti wanjye (Madinah), n'Umusigiti wa Aq'swa (Bayitul Maq'das)" Na none intumwa Muhamadi yaravuze ati "Nuramuka ugiye kwituma, ntuzerekere Qibla cyangwa ngo uyitere umugongo, ahubwo ujye werekeza iburasirazuba cyangwa iburengerazuba"





UMURYANGO W'INTUMWA MUHAMADI N'ABAGORE BAYO

ABANA BARINDWI B'INTUMWA MUHAMADI ABAHUNGU BATATU
N'ABAKOBWA BANE

[1] Al Qasimu, ari nawe intumwa yitirirwaga

[2] Zayinabo (Imana imwishimire)

[3] Ruqayat (Imana imwishimire)

[4] Umu Kul'thumu

[5] Fatwimat (Imana imwishimire)

[6] Abdullah, wiswe Twayib, na Twahir

[7] Ibrahimu, we akaba ari umwana wa Mariyat Al qibutwiyat umujakazi w'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), abandi bana be bose basigaye babyawe na Khadija kandi nta wundi mugore intumwa Muhamadi yabyaranye nawe utari we.

Abana be bose bapfuye intumwa Muhamadi akiriho, usibye gusa Khadijat we yapfuye nyuma y'intumwa Muhamadi ho amezi atandatu, Imana imuzamura mu nzego kubera kwihangana kwe, k'uburyo yamurutishije abagore bose b'isi, kandi Fatwimat niwe mukobwa w'intumwa uruta abandi bose muri rusange.

Abakobwa bose b'intumwa Muhamadi bagejeje igihe cy'ubuyisumu kandi baba abayisumu, banimukana n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

BA SE WABO B'INTUMWA MUHAMADI UKO ARI
CUMI N'UMWE

[1] Sebuja w'abaguye ku rugamba Hamuzat

[2] Al Abasi (Imana imwishimire)

[3] Abu Twalib, izina rye rikaba Abdul Manafi

[4] Abu Lahab, izina rye ni Abdul Iza

[5] Azubayir

[6] Abdul Kaabat

[7] Al Muqawim

[8] Dwirar

[9] Qutham

[10] Al Mughirat, Hajil

[11] Al Ghayidaqu, witwa Mus'abu

Muri ba Sewabo bose nta winjiye ubuyisumu, usibye Hamuzat na Abasi.





BA NYIRASENGE	[1] Swafiyat, ariwe nyina wa Zubayiru mwene Awami		[2] Umu Hakim, Al Bayidwau	
	[3] Atiqatu	[4] Baratu	[5] Ariwa	[6] Umayimat
ABAGORE B'INTUMWA MUHAMADI	- Hafisa mwene Umar bunil Khatwabi (Imana imwishimire). - Juwayiriyat mwene Al Harith (Imana imwishimire). - Zayinabu mwene Jahash + Zayinabu mwene Huzayimat (Imana ibishimire).			
	- Swafiya mwene Huyayi mwene Akh'twabu (Imana imwishimire). - Khadijat mwene Huwayilidi (Imana imwishimire). - Umu Habibat Ramulat mwene Abi Sufyani (Imana ibishimire)			
	- Sawuda mwene Zumuat (Imana imwishimire). - Mayimunat mwene Al Harith (Imana imwishimire). - Aisha mwene Abubakar (Imana imwishimire). - Umu Salamat Hindu mwene Abi Umayat (Imana imwishimire).			
KHADIJAT (IMANA IMWISHIMIRE)	Khadijat mwene Khuwayilidi Al Kurashiyat Al Asadiyat niwe mugore wa mbere w'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yamurongoye atarahabwa ubutumwa, Khadijat afite imyaka mirongo ine (40), nta wundi mugore intumwa yarongoye Khadijat akiriho, kugeza apfuye, n'abana bose b'intumwa Muhamadi niwe bakomokaho usibye Ibrahim, Khadijat niwe wafashije intumwa Muhamadi mu butumwa bwe, afatanya nawe kurwana intambara amuha ituze akoresheje umubiri we ndetse n'umutungo we, Imana yamwoherereje indamutso y'amahoro (Salamu) izanywe na Jibril, icyo kikaba ari ikintu cy'umwihariko kitagize undi mugore, yapfuye mbere yo kwimukira Madina ho imyaka itatu.			
SAWUDA (IMANA IMWISHIMIRE)	Intumwa Muhamadi nyuma yuko Khadijat apfuye ho iminsi mikeya yarongoye Sawudat mwene Zumuat Al Kurashiyat (Imana imwishimire), uyu niwe wahariye umunsi we umwe Aisha (Imana imwishimire).			





AISHA (IMANA IMWISHIMIRE)	Intumwa Muhamadi nyuma ya Sawuda, yarongoye Umu Adbullahi Aishat mwene Abubakar Swidiqi, akaba ariwe Imana yejeje biturutse hejuru y'amajuru arindwi, akaba yari umukunzi w'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), Malayika yamumweretse mbere yuko amurongora yambaye umwenda w'ihariri, maze aramubwira ati "Uyu ni umugore wawe" intumwa Muhamadi yamurongoye mu kwezi kwa Shawali, Aisha afite imyaka itandatu, atangira kuryamana nawe mu kwezi kwa Shawali umwaka wa mbere wo kwimukira Madinah, icyo gihe yari yujuje imyaka icyenda, intumwa nta wundi mugore w'isugi yarongoye utari we, nta n'inzu yamanukiye mo ihishurwa nk'inzu ya Aishat, akaba kandi yari ukunzwe n'intumwa cyane, kwezwa kwe kukaba kwaraturutse mu ijuru, abayisumu bese bakaba bemeranya ko uwamusize ibari ari umuhakanyi, Aishat akaba yari umugore urusha abandi ubumenyi, abasangirangendo bakuru bajyaga bajya ku mubaza ibyo badasobanukiwe bashaka ko ababwira amategeko yabyo.
HAFISA (IMANA IMWISHIMIRE)	Hanyuma Intumwa Muhamadi arongora Hafisa mwene Umari mwene Khatwabi (Imana imwishimire), yari amaze kwinjira Islamu we n'umugabo we Khunayisi mwene Hudhafat A Sulamiy, yimukana nawe bajya Madinah, hanyuma aza kugwa mu ntambara ya Uhudi, maze arongorwa n'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
ZAYINABU MWENE HUZAYIMAT (IMANA IMWISHIMIRE)	Hanyuma Intumwa Muhamadi arongora Zayinabu mwene Huzayimat mwene Al Harith, Al Qayisiyat (Imana imwishimire), ukomoka muri Bani Hilali mwene Amiri, aza gupfa nyuma yo kurongorwa n'intumwa ho ameze abiri, uru niwe mugore bajyaga bita (Umul Masakini) Nyina w'Abakene.
UMU SALAMAT (IMANA IMWISHIMIRE)	Hanyuma Intumwa Muhamadi arongora Umu Salamat Hindu mwene Abi Umayat Al Kurashiyat Al Makh'zumiyat (Imana imwishimire) n'izina rya Abi Umayat ni Hudhayifatu mwene Al Mughirat, uyu akaba ariwe mugore w'intumwa Muhamadi wapfuye nyuma y'abandi, yapfuye mu mwaka wa mirongo itandatu na kabiri nyuma yo kwimukira Madinah.
JUWAYIRIYAT (IMANA IMWISHIMIRE)	Hanyuma Intumwa Muhamadi arongora Juwayiriyat mwene Al Harith mwene Abi Dwirar Al Musw'twalaqiyat (Imana imwishimire), akaba yari mu minyago ya Bani Musw'twalaq, hanyuma ajya ku intumwa y'Imana kumusaba kumufasha ngo abashe kwishyura ngo yigombore, intumwa Muhamadi aramwishyurira hanyuma aramurongora.





ZAYINABU MWENE JAHASHI (IMANA
IMWISHIMIRE)

Hanyuma Intumwa Muhamadi arongora Zayinabu mwene Jahashi (Imana imwishimire) wakomokaga muri Bani Asadi mwene Huzayimat, akaba yari mwene Nyirasenge Umayimat, ni nawe wamanukiweho n'ijambo ry'Imana rigira riti "Nuko ubwo Zayidu yari amaze kubona ko atakimukeneye (amaze kumusenda), turamugushyingira" Surat Al Ahzab: 37. No kubera iyo mpamvu yajyaga yirata ku bandi bagore b'intumwa, agira ati **"Mwebwe mwashyingiwe n'ababyeyi banyu ariko nyewe nashyingiwe n'Imana bivuye hejuru y'amajuru arindwi"** mubyo uyu mugore yari yihariye nuko Imana ariyo yamuhagararire muri Nikahi ye, yapfuye mu ntangiriro z'ubuyobozi bwa Umar mwene Khatwabi, akaba mbere yari kwa Zayidu mwene Haritha, intumwa Muhamadi akaba yari yaramwiyitiriye, maze atandukanye nawe Imana imushyingira intumwa Muhamadi, kugira ngo abantu babibonereho ko kurongora umugore w'umwana wiyitiriye byemewe.

UMU HABIBAT
(IMANA IMWISHIMIRE)

Hanyuma Intumwa Muhamadi arongora Umu Habibat (Imana imwishimire), izina rye akaba ari Ramulat mwene Abi Sufyani, Swakhar mwene Harubi Al Kurashiyat Al Umawiyat, intumwa Muhamadi yamurongoye igihe uwo mugore yari yarahungiyeye Habasha (Ephiopie), Najashiy akaba ariwe wamutangiye inkwano amadirihamu magana ane (400), nuko azanirwa intumwa Muhamadi, yaje gupfa mu minsi y'ubuyobozi bwa musaza we Muawiyat (Imana imwishimire).

SWAFIYAT (IMANA
IMWISHIMIRE)

Intumwa Muhamadi anarongora Swafiyat mwene Huyayi mwene Al Akh'twab, wari umukuru w'Abayahudi ba Bani Nadwiri, bakomoka mu gisekuru cya Haruna mwene Amuran wari umuvandimwe w'intumwa y'Imana Mussa (Imana imwishimire) akaba yari umukobwa w'intumwa akaba n'umugore w'intumwa, akaba yari mwiza cyane, akaba yari yafashwe mu minyago, intumwa Muhamadi imuha ubwigenge, ubwo bwigenge ni babwo bwabaye inkwano ze, ibyo nyuma byaje kuba umugenzo ukomeza.

MAYIMUNAT
(IMANA
IMWISHIMIRE)

Hanyuma Intumwa Muhamadi arongora Mayimunat mwene Al Harith Al Hilaliyat (Imana imwishimire), akaba ariwe mugore wa nyuma intumwa Muhamadi yarongoye, yamurongoreye i Makka igihe yari yagiye muri Umurat yo kwishyura, nyuma yuko amaze gukuramo ihram.

Nta gushidikanya ko intumwa Muhamadi yapfuye afite abagore icyenda, kandi umugore wa mbere wamukurikiye amaze gupfa akaba ari Zayinabu mwene Jahashi (Imana imwishimire) mu mwaka wa 20H, naho uwapfuye nyuma y'abandi akaba ari Umu Salamat, wapfuye mu mwaka wa mirongo itandatu na kabiri, ku buyobozi bwa Yazidi mwene Muawiyat.





**IGICE CYA KABIRI: AMATEKA Y'INTUMWA
MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO
N'IMIGISHA).**



IGIKA CYA MBERE: MBERE Y'UBUTUMWA

KUYUKA KW'INTUMWA MUHAMADI	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavukiye Makka mu mwaka w'inzovu, avuka kuwa mbere mu kwezi kwa Rabiul Awali (kwa gatatu) mu mwaka wa 53, mbere yo kwimukira Madinah, uhwanyeye na 571 nyuma y'ivuka rya Yesu, igikorwa cy'inzovu n'uburyo Imana yagikumiriye, cyabaye intangiriro Imana yatangije amateka y'intumwa Muhamadi n'inzu yayo.		
ISE	Ise yitwaga Abdullah mwene Abdul Mutwalib, yapfuye intumwa Muhamadi ataravuka, maze avuka ari impfubyi.		
NYINA	Nyina yitwaga Amina mwene Wahabu ukomoka muri Bani Zuhurat, yapfuye intumwa Muhamadi atarakwiza imyaka irindwi.		
KURERWA KWE	Nyuma yuko Nyina apfuye intumwa Muhamadi yagiye kurerwa na Sekuru Abdul Mutwalib, hanyuma aza gupfa nawe Muhamadi afite imyaka umunani, aya kurerwa na Sewabo Abu Twalib izina rye akaba ari Abdul Manafi.		
ABONKEJE INTUMWA MUHAMADI	THUWAYIBAT	Wari warigeze kuba umujakazi wo kwa Abu Lahabi, yamwonkeje hamwe na Aba Salamat Abdullah mwene Abdul Asadi Al Makh'zumi, mu mashereka y'umwana we Mas'ruhi, abonsanya nanone na Sewabo Hamuzat mwene Abdul Mutwalib (Imana imwishimire).	
	HALIMATU ASAADIYAT	Halimatu yonkeje intumwa Muhamadi mu mashereka y'umuhungu we Abdullah musaza wa Unayisatu na Judhamatu abana ba Al Harith mwene Abdul Uza mwene Rafaat A Saadiy amwonsanya n'umwana wa Sewabo Abu Suf'yani mwene Al Harithi mwene Abdul Mutwalib (Imana imwishimire).	
ABAMUREZE AKIRI MUTO	NYINA AMINA		THUWAYIBAT WARI UMUKAZI WA ABU LAHABI
			HALIMATU MWENE ABI DHUAYIBI A SAADIYAT
	SHIMAAU	Shimaa yari umukobwa wa Halimatu Asaadiyat, akaba na mushiki w'intumwa Muhamadi bonkanye ibere rimwe, niwe waje ku intumwa Muhamadi mu bantu ba Hawazinu maze intumwa Muhamadi amuramburira umwenda we awumwiczaho mu kumuha agaciro ke.	



ABAMUREZE AKIRI MUTO	UMU AYIMAN	Barakatu Al Habashiyat (Imana imwishimire) intumwa Muhamadi yari yaramuzunguye amukuye kuri Se, intumwa Muhamadi yamushyingiye umukunzi we Zayidu mwene Harithat (Imana imwishimire) maze amubyarira Usamat mwene Zayidi (Imana imwishimire). Uyu niwe Abubakar na Umari binjiye iwe nyuma y'urupfu rw'intumwa Muhamadi basanga arimo kurira, baramubwira bati: Ni iki kikuriza? Kandi ibiri ku Mana aribyo byiza ku intumwa Muhamadi? Aravuga ati: Nanjye ndabizi ko ibiri ku Mana aribyo byiza ku intumwa y'Imana, kandi nziko intumwa yagiye mu byiza biruta ibyo yari arimo, ariko ikindiza nuko ihishurwa ryahagaze, bituma nabo barira maze bose batangira kurira.
IMIRIMO INTUMWA YAKOZE		Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaragiye ihene, ibyo bikaba aribyo byatumye agira ukwihangana n'impuhwe ku abatishoboye ndetse no kubabungabunga. Intumwa Muhamadi yaravuze ati "Nta ntumwa Imana yatumye itararagiye ihene" abasangirangendo baramubaza bati: Nawe? Aravuga ati "Nibyo, naragiraga ihene ku madinari make y'abantu ba Makka.
UBUCURUZI YAKOZE NO GUSHAKA KWE		Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), amaze kugeza imyaka makumyabiri n'itanu, yagiye Shami mu bucuruzi agera Busura hanyuma aragaruka, hanyuma arongora Khadijat mwene Khuwayilid agarutse, akaba ariwe mugore we wa mbere.
KUBAKA AL KAABAT		Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), amaze kugira imyaka miroongo itatu n'itanu, Al Kaabat yatangiye gusaza no guseniyuka, maze Abakurayishi batangira kongera kuyisana, maze abayituriye bese bagabana imirimo maze inyubako igeze aho gushyira ibuye ryirabura, batangira kujya impaka k'uri burishyire mu mwanya waryo, iza mpaka bazimazemo iminsi ine cyangwa itanu, maze baza kwemeranya ko bakiranurwa n'umuntu wa mbere uri bwinjire mu muryango w'umusigiti, maze intumwa Muhamadi aba ariwe winjira baza kumuregera, maze atumaho umwenda munini maze ashiraho iryo buye maze buri bwoko bufata uruhande rumwe rw'umwenda bageza ibuye aho rigomba kujya maze intumwa Muhamadi arishyira ku mwanya waryo n'ukuboko kwe.
KWIHERERA KWE		Aisha aravuga ati "Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yakundishijwe kwiherera akajya ajya kwiherera mu buvumo bwa Hirau asenga abikora iminsi" Yangishwa ibigirwamana aribyo byari idini y'abantu be, nta kintu intumwa Muhamadi yangaga nka byo.





IGIKA CYA KABIRI: GUTANGIRA IHISHURIRWA

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) amaze kuzuka imyaka mirongo ine, yarasiwe n'umucyo w'ubutumwa, Imana imuha impano y'ubutumwa kuwa mbere.

UBUTUMWA BWE

Aisha (Imana imwishimire yaravuze ati "Icyamba mbere intumwa yabanye kubona mu ihishurwa ni inzizi z'ukuri, ntabwo yayiyaga arota ikintu usibye ko yakobonaga nk'igitondo gitangaje, hanyuma aza gukundishwa kwihereza mu buvumo bwa Hirau akajya gusengeraye iminsi runaka yayiyagaye yanateganyije impamba, hanyuma akagaruka kwa Khadijat akahasanga impamba nk'icyo yateguye nawe, kugeza ubwo yaziye n'ukuri ari muri ubwo buvumo bwa Hirau, azirwa na Malayika maze aramubwira ati: Soma! Muhamadi aramubwira ati "Njyewe sinzi gusoma, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aravuye ati "Arankanda cyane ngera aho ngiye guhera umwuka maze arandekura, arambwira ati: Soma! Ndamubwira nti "Ntabwo nzi gusoma" arongera arankanda cyane bwa kabiri ngera aho ngiye kubura umwuka maze arandekura, arambwira ati: Soma! Ndamubwira nti "Ntabwo nzi gusoma" afanfata bwa gatatu arankanda cyane, hanyuma arandekura, aravuye ati "Soma ku izina rya Nyagasani wawe we waremye, Yaremye umuntu mu rusoro rw'amaraso, Soma ku izina rya Nyagasani wawe w'Umunyabuntu buhambaye" Surat Al Alaqi. Nuko intumwa Muhamadi agaruka kwa Khadijat atitira yinjira kwa Khadijat mwene Khuwayilidi avuye ati "Zamiluniy Zamiluniy (Ntwikira ntwikira) maze aramutwikira kugeza ashize ubwoba, abwira Khadijat uko byagenze, rwose natinye, Khadijat aramubwira ati: Ndakurahiye Imana ntishobora kugutererana, kuko wawe uzungu imiryango, anagaburire abantu, uzabona ibyabuze kandi azakira abashyitsi, anahagararira ukuri, maze Khadijat amujyana kwa Warakatu mwene Nawufali mwene Asadu mwene Abdul Uza wari mwene Sewabo wa Khadijat, yari umuntu wayobotse idini rya gikirisitu mu gihe cy'ubujiji, yayiyaga yandika inyandiko z'igiheburaye akandika ibyo akuye muri Bibiriya mu Giheburaye, ibyo Imana yamushobozaga kwandika, yari akuzwe cyane kuburyo yari yarahumye, maze Khadijat aramubwira ati: Mwene Data wacu! Umva ibyabaye kuri uyu mwana wa w'umuvandimwe wawe, maze Waraqatu aramubwira ati: Yewe mwana w'umuvandimwe wanjye! Wabaye iki? Maze intumwa Muhamadi amubwira ibyamubayeho, nuko Waraqatu aramubwira ati: Uwo ni Namusi Imana yayiyaga yohereza kuri Mussa, iyaba nari kuzagira uruhare mu byawe, iyaba nari kuzaba ndiho igihe abantu bawe bazakwirukana, intumwa Muhamadi aravuye ati "Ese bazanyirukana?" Waraqatu ati: Yego bazakwirukana, kuko nta muntu wigeze azana nk'ibyo uzanye wabuze abanzi, icyo uwo muni uza kunsanga nkakurwanaho cyane, hanyuma Waraqatu ntiyatinze yahise apfa, maze ihishurwa rihagarara ho igihe, intumwa Muhamadi aravuye ati "Mugihe narimo ngenda, nza kumva ijwi mu kirere, nubuye amaso mu kirere mbona ni Malayika wanzuye cya gihe mu buvumo bwa Hirau yicaye ku ntebe hagati y'isi n'ikirere, ngira ubwoba cyane, ndagaruka mvuye nti: Ntwikira ntwikira, maze Imana imanura amagambo agira ati:





UBUTUMWA BWE	“Yewe witwikiriye!, haguruka uburire abantu”. Kugeza ku ijamba rigiora riti “N'ibigirwamana ubyimure” Surat Mudathir. Nyuma yaho ihishurirwa ryarakomeje.	
INZEGO Z'IHISHURWA	[1] INZOZI Z'UKURI	Intangiriro ry'ihishurwa ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), Aisha yaravuze ati: Ntbwo intumwa yarotaga ikintu, usibye ko yakibonaga nk'igitondo gitangaje”
	[2] KUNAGA IBINTU MU MUTIMA	Malayika yanagaga ibyo azanye mu mutima w'intumwa Muhamadi, batabonanye, intumwa Muhamadi yaravuze ati “Roho w'umwizerwa yahushye mu mutima wanjye ambwira ko.....”
	[3] MALAYIKA KWHINDURA	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati “Malayika rimwe na rimwe yihinduraga umuntu maze akamvugisha nkasobanukirwa ibyo avuga” muri uru rwego abasangirangendo nabo rimwe na rimwe baramubonaga.
	[4] URUSAKU RW'INZOGERA	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati “Rimwe na rimwe ihishurwa ryazaga rimeze nk'ijwi ry'inzogera, iryo ryabaga rikaze kuri njye ariko nkamenya icyo rivuze” Aisha yaravuze ati “Nabonye rimwe amanukirwa n'ihishurwa ku munsu hari hakonje cyane, biramukomerana kuburyo agahanga ke kabize ibyuya, ndetse n'indogobe ye yaricaye kandi ayiriho.
	[5] MALAYIKA MU ISHUSHO YE	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga abona Malayika mu ishusho ye yaremwemo, akamuhishurira ibyo Imana yamutumye kumuhishurira, ibyo byamubayeho inshuro ebyiri, nkuko Imana yabivuze muri Surat A Najim.
	[6] IHISHURWA RITURUTSE KU MANA	Ni ibyo Imana yamuhishuriraga ako kanya nta wundi binyuzeho, nko mu ijoro rya Miiraji ubwo Imana yategekaga amasengesho atanu n'ibindi.
	[7] IMANA KUMUVUGISHA	Nkuko Imana yamuvugishije nta muhuza wa Malayika, nkuko yavugishije Mussa (Imana imuhe amahoro).





IHISHURWA RYA MBERE RYAMUGEZEHO	Yamanukiwe na Ayat eshanu za mbere muri Surat Al Alaqi arizo “Soma ku izina rya Nyagasani wawe we waremye, Yaremye umuntu mu rusoro rw’amaraso, Soma ku izina rya Nyagasani wawe w’Umunyabuntu buhambaye” “We wigishije umuntu akoresheje ikaramu” “Yigishije umuntu ibyo atari azi”.		
INZEGO Z’IVUGABUTUMWA YAKOZE	[1] Ubutumwa	[2] Kuburira umuryango we wa hafi.	[3] Kuburira abantu be muri rusange
	[4] Kuburira abantu batigeze bagerwaho n’umuburizi mbere aribo abarabu muri rusange.		
	[5] Kuburira abantu bose bazagerwaho n’ubutumwa bwe, yaba Amajini cyangwa abantu kuzageza ku muni w’imperuka.		
IBYICIRO BY’IVUGABUTUMWA RYE	[1] Gutangaza ubutumwa mu ibanga: icyo kicio cyamaze imyaka itatu uhereye igihe yaherewe ubutumwa.		
	[2] Gutangaza ubutumwa k’umugaragaro: Igihe yabitegekwe, Imana iti “Shyira kumugaragaro ibyo utegekwe” Surat Hijir: 94.		
UMUNTU WA MBERE WEMYE INTUMWA MUHAMADI	Mu bagabo: Uwabaye uwa mbere kumwemera ni Abubakar Swidiqi		Mu bagore: Ni Khadijat mwene Khuwaylid
	Mu bana: Uwabaye uwa mbere ni Aliyu mwene Abi Twalib		Naho mu bari abacakara bakarekurwa: Ni Zayidu mwene Harithat
	Naho mu bacakara: Ni Bilalu mwene Rabahi Al Habashiyu		
BAMWE MU BAYISLAMU BA MBERE	Mu bantu babaye aba mbere mu kwemera intumwa Muhamadi, nyuma yabo twavuze bo mu muryango we harimo Othuman mwene Afani, Twalihatu mwene Ubayidullah, Zubayiru mwene Awami, Saadi mwene Abi Waqaswi, Abdu Rahman mwene Awufi, Khababu mwene Arat, Swuhayibu Rumi, Amaru mwene Yasiri, na Nyina Sumayat na Abu Ubayidat Amir mwene Jarahi, Othumani mwene Madhiuni, Abu Salamat mwene Abdul Asadi na Utubatu mwene Ghaziwani (Imana ibishimire bese).		





IGIKA CYA GATATU: IGIHE CYA MAKKA

UBUGIZI BWA NABI ABABANGIKANYAMANA BAKOREYE INTUMWA MUHAMADI
N'ABASANGIRANGENDO BE

Ababangikanya Mana bamaze kubona ukuri k'ubutumwa bw'intumwa Muhamadi n'uburyo abantu bamuyoboka, batangiye kumukorera ibikorwa bibi kandi bikaze muribyo twavugaga:

- Kwamamaza imvugo zivugaga ko intumwa Muhamadi ari umurozi, kugira ngo abantu bamuhunge kandi bamutinye.
- Kwamamaza amagambo avugaga ko intumwa Muhamadi ari umusazi kugira ngo abantu bamufate nk'umusazi.
- Kwamamaza amagambo avugaga ko intumwa Muhamadi ari umubeshyi, ariko ibyo bigatashyirwa agaciro nuko yaranzwe muribo nk'umwizerwa kubera ukuri kwe no kwizerwa kwe.
- Kumusuzugura we n'ibyo yazanye.
- Guteza akavuye igihe intumwa irimo kwigisha abantu, kugira ngo bababuze kumva ukuri yazanye.
- Kwakira abantu baturutse hanze ya Makka baje gukora Umurat cyangwa Hijat n'ibindi, bakababurira kwirinda intumwa Muhamadi.
- Kumugirira nabi ubwe, nk'uko Uqubat mwene Abi Muiwi yabigenje ubwo yamukuruzaga umwenda we ukenda kumuniga, akamukizwa na Abubakar, akanamumenaho amara y'ingamiya akayakurwaho n'umukobwa we Fatwimat.
- Kugerageza kumwica, ubwo basabaga Sewabo Abu Twalib ko bamuguranira undi mwana bakamuha Amaratu mwene Al Walidi hanyuma Muhamadi bakamwica. Banashatse kumwica na none ubwo yimukiraga Madinah.
- Kugirira nabi abanya ntege nke mu bemera Mana, nkuko bajyaga bashyira ibuye rinini kunda ya Bilali, ndetse nkuko babikoze ku muryango wa Amari mwene Yasir (Imana ibishimire bese). Ndetse n'abandi.

KWIMUKIRA HABASHA (ETHIOPIE)

Abayisumu bamaze kuba benshi Abahakanyi batangiye kubatinye, bakajije ibikorwa byo kubuza amahoro intumwa Muhamadi no kugirira nabi abasangirangendo, intumwa Muhamadi yabahaye uburenganzira bwo kwimukira muri Habasha (Ethiopie), aravugaga ati

“Hariye umwami nta muntu uhuguzwa iwe”





KWIMUKIRA HABASHA (ETHIOPIE)	KWIMUKA KWA MBERE	Himukiye yo abayislamu b'abagabo cumi na babiri n'abagore bane, barimo Othuman mwene Afani ni nawe wa mbere wimutse ari kumwe n'umugore we Ruqayat umukobwa w'intumwa Muhamadi, baba neza muri Habasha, hanyuma bagerwaho n'inkuru yuko Abakurayishi bose bayobotse Islamu, ariko iyo yari inkuru y'ibinyoma, nuko bagaruka Makka, binjiye ari igikundi batangira guhura n'ibikorwa bibi by'abakurayishi, umwe muri bajemo ni Abdullah mwene Mas'udi (Imana imwishimire).
	KWIMUKA KWA KABIRI	Himukiye yo abayislamu mirongo inani na batatu b'abagabo n'abagore cumi n'umunani, baba kwa Najashiy bamereye neza, inkuru igera ku Abakurayishi, boherezayo Amuri mwene Aswi na Abdullahi mwene Abi Rabiat bari kumwe n'abandi bantu ngo bajye kubateranya kuri Najashiy, maze Imana iburizamo imigambi yabo mibi.
KUYOBOKA ISLAM KWA HAMUZA NA UMAR	Mu mwaka wa gatandatu w'ubutumwa, Hamuzat mwene Abdul Mutwalib (Imana imwishimire) kandi yitwaga Umunyacyubahiro w'abakurayishi, nuko intumwa imuhesha icyubahiro kubera idini, hanyuma Umari mwene Khatwabi nawe ayoboka Islamu kubera umugisha w'ubusabe bw'intumwa Muhamadi, kuva icyo gihe abemera barakomeye bagira imbaraga kubera abo bantu babiri, birwanaho ku bakurayishi.	
UMUDUGUDU WA ABI TWALIB	Ibikorwa by'ubugizi bwa nabi byakomeje kwi Yongera ku intumwa Muhamadi, baramugota we n'abi we mu mudugudu wa Abi Twalib imyaka itatu, muri uwo mudugudu niho Abdullah mwene Abasa yavukiye, abahakanyi bamugirira nabi cyane, intumwa yavuye muri uko kugotwa afite imyaka mirongo ine n'icyenda.	
GUPEA KWA ABU TWALIB NA KHADIJAT	Nyuma y'ibyo bigeragezo ho amezi makeya, nibwo Sewabo Aba Twalibi yapfuye, intumwa Muhamadi afite imyaka mirongo ine n'umunani, hanyuma Khadijat nawe aza gupfa nyuma yaho gato, maze ibikorwa bibi by'abahakanyi bikaza umurego.	
GUSOHOKA KW'INTUMWA MUHAMADI AKAJYA TWAIFU	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yasohotse Makka aya Twaifu ari kumwe na Zayidu mwene Harithat, ahamagarira abantu kuyoboka Imana, amarayo iminsi mikeya, banga kumuyoboka, ahubwo bamugirira nabi baranamwirukana banamutera amabuye k'uburyo bamukomerekeje ku dutsisino, avayo agaruka Makka yinjirira iruhande rwo kwa Mutwiimi mwene Adiyi.	





ADASI YINJIRA ISLAM	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ubwo yari mu nzira agaruka Makka, yahuye na Adasi wari umukirisitu amuhamagarira kuyoboka islamu maze yemera kuyoboka no kwemera ubutumwa bwe.
AMAJINI YEMERA UBUMWA BWA MUHAMADI	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) na none ubwo yari mu nzira agaruka, ageze aho bita Nakh'latu, yagezweho n'agatsiko k'amajini ko muri Naswibina, maze yumviriza Qor'an ayoboka Islam.
ISRAU NA MIIRAJI	Hanyuma intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ayanwa umubiri we na roho ku Musigiti w'iyerusalemu (Bayitul Maq'dasi), nyuma yaho azamurwa mu ijuru, kwa Allah, avugana n'Imana hanyuma ategukwa amasengesho atanu buri muni.
INTUMWA MUHAMADI AHAMAGARIRA AMOKO YA MAKKA KUYOBOKA ISLAM	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) akomeza kuba Makka ahamagarira amoko yaho kuyoboka Islam, akabageraho mu bihe byose, ababwira ko nibemera Nyagasani bazajya mu ijuru, ariko ntihagira ubwoko na bumwe bumwemera, Imana igenera abantu ba Madinah kwemera (Answaru), muribo havamo abantu batandatu bemera Imana n'intumwa yayo bagaruka Madina bahamagarira abantu babo kuyoboka Islam kugeza ubwo Islam yamamaye muri bo nta nzu nimwe ya Madina yasigaye itavugwamo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
ABANTU BA MADINAH N'IGIKORWA CYA BAYIATU AQABATU	Maze mu mwaka ukurikiyeho Makka haza abantu cumi na babiri ba Answaru baturutse Madinah, barimo batanu bari baje umwaka ushize maze baha intumwa Muhamadi isezerano ko abagore nabo bazamuha isezerano ryaje muri Surat Al Mumutahinat, kuri Aqabatu, hanyuma basubira Madinah.
BAYIATU AQABATU YA KABIRI	Maze mu mwaka wakurikiye ho haza abagabo mirongo irindwi na batatu n'abagore babiri, aribo bakoranye n'intumwa isezerano kuri Aqabatu ya nyuma, baze baha intumwa Muhamadi isezerano, bazamurinda uko barinda abagore n'abana babo ndetse nabo ubwabo, maze intumwa Muhamadi abayobozi cumi na babiri.





IGIKA CYA KANE: IGIHE CYA MADINAH

UBURENGANZIRA BWO KWIMUKIRA MADINAH	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yahaye uburenganzira abasangirangendo be bwo kwimukira Madinah, maze batangira gusohoka bihisha, uwabaye uwa mbere mu kwimukira Madinah nkuko bivugwa ni Abu Salamat mwene Abdul Asadi Al Makh'zumiy, banavuga ko uwabaye uwa mbere kwimukira Madinah ari Musw'abu mwene Umayiru, bagera Madinah mu mago yaho, maze babarwanaho, Islamu yamamara Madinah. Hanyuma intumwa Muhamadi yawe ahabwa uburenganzira bwo kwimukira Madinah, asohoka Makka kuwa mbere mu kwezi kwa Rabiul Awali (kwa Gatatu), muri icyo gihe intumwa Muhamadi yari afite imyaka mirongo itanu n'itatu, asohokana na Abubakari Swidiqu na Amiru mwene Fuhayiru wahoze ari umucakara wa Abubakar ndetse bajyana n'ubayobora inzira ariwe Abdullahi mwene Al Ar'qatwi A Layithiy bihisha mu buvumo bwa Thawuri bamaramo iminsi itatu, hanyuma bafata umuhanda bajya Madinah.
INTUMWA MUHAMADI YINJIRA MU MUJYI WA MADINAH	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) we n'abo bari kumwe bageze Madinah, ubwo hari kuwa mbere Tariki ya cumi na kabiri z'ukwezi kwa Rabiul Awali, bashyikiye Qubau mu gice cya ruguru cya Madina muri Bani Amuri mwene Awufi, ahamara iminsi cumi n'ine.
UMUSIGITI WA MBERE MURI ISLAMU	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) atangiza umusigiti wa Qubau, Mwene Umari yaravuze ati "Intumwa Muhamadi yayyaga ajya ku musigiti wa Qubau buri wa gatandatu, azenza amaguru cyangwa ari ku ngamiya. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Gusengera mu musigiti wa Qubau bingana no gukora Umurat".
KUBAKA UMUSIGITI WA W'INTUMWA MUHAMADI	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yuriye ingamiya ye aragenda, abantu bakajya bamusaba ko yashyikira iwabo bagafata imigozi y'ingamiya ye, maze akababwira ati "Nimuyireke igende kuko irayoborwa" maze iryama ahubatswe umusigiti w'intumwa ubu, bwari ubutaka bwa Sahalu na Suhayilu abana babiri bo muri Bani Najari, maze intumwa Muhamadi ashyaikira kwa Abi Ayubu Al Answariy (Imana imwishimire), hanyuma yubaka umusigiti we muri bwa bukata we ubwe n'abasangirangendo be bakoresheje amatafari n'ibishami by'itende, hanyuma yubaka inzu ye n'amazu y'abagore be iruhande rw'umusigiti, inzu yari hafi y'umusigiti cyane yari inzu ya Aisha, nyuma y'amezi arindwi ava kwa Abu Ayubi ajya iwe.





KUNGA UBUVANDIMWE	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) amaze kubaka umusigiti yatangiye kunga ubuvandimwe hagati y'abimukira (Muhajiruna) bari abagabo mirongo cyenda n'abasangwa ba Madinah (Answaru), bwo kubana gufatanya no kuzungurana nyuma yo gupfa kugeza ku ntambara ya Badri.
ABAYAHUDI	Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) amaze kugera Madinah abayahudi bakamubona, bamenye ko ari intumwa y'Imana yukuri, ko ariwe koko bajyaga basoma mu gitabo cyabo Tawurati, hamwe n'ibyo nta bayobotse Islam usibye agatsiko gato muri bo, barimo umumenyi wabo n'umupadiri wabo Abdullahi mwene Salamu (Imana imwishimire), nuko intumwa Muhamadi asezeramuko y'abayahudi ariyo: Banu Qayinuqai, Banu Nadwiri na Banu Qurayidwat.
GUHINDURA QIBLAT	Nyuma yuko amasengesho atanu ategukwaga mu rugendo rwa Miiraji, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga asenga yerekeye i Yerusalemu kuri Bayitul Maq'dasi, ariko yifuzaga ko Qiblat yahinduka ikaba kwerekera kuri Al Kaabat, atangira kurangaguzwa mu kirere yifuza ko Imana yabimutegeka, Imana imumanurira amagambo agira ati "Mu by'ukuri, tubona uburanga bwawe buhora bwerekera hirya no hino mu kirere. Rwose tuzakwerekeza mu cyerekezo wishimiye" Surat Al Baqarat: 144. Maze mu mwaka wa Kabiri nyuma yo kwimukira Madinah, intumwa Muhamadi ahindura Qiblat yerekera kuri Al Kaabat.
GUTANGA UBURENGANZIRA BWO KURWANA JIHADI	Nyuma yuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) amaze gutuza i Madinah, abasangwa baho bamurinze, hamanutse ijamba ry'Imana rigira riti "(Abemeramana) bahawe uburenganzira bwo kwirwanaho igihe batwe, kubera ko barenganyijwe, kandi rwose Allah ashoboye kubatabara" Surat Al Haji: 39. Maze Imana iha uburenganzira Abemera bwo kurwanya Ababangikanyamana. Zimwe mu ntambara ze za mbere harimo Ghazuwatu Al Abuwai, na Bawatwi na Al Ashiratu ndetse na tumwe m'udutero shuma.
INTAMBARA YA BADRI	Mu kwezi kwa Ramadwani ku mwaka wa kabiri wo kwimukira Madinah, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yasohotse Madinah ayoboye ingabo z'abantu Magana atatu na cumi na bangahe b'abemera, bagiye gutangira ibicuruzwa by'abakurayishi byari bivuye Shami, Abu Suf'yani anyuranya n'inzira yanyuzemo ibicuruzwa maze Shitani yoshya abakurayishi ko bagomba kurwanya abemera, nuko ibitero bihurira ahitwa Badri, iyo ikaba ariyo ntambara yiswe Badri nkuru yaje kwitwa umunsi wa Fur'qanu. Ibitero bimaze guhura, intumwa Muhamadi yasabye Nyagasani we aciyeye bugufi cyane, maze Imana itera inkunga abemera y'abamalayika babafasha kurwana, nuko Imana iha intsinzi abayisumu batsinda abahakanyi, ijamba ryayo rijya hejuru, muri icyo ntambara ya Badri hicwa abantu mirongo irindwi, naho mu bayisumu haguye abantu cumi na bane.





INTAMBARA YA QAYINUQAI	Mu mwaka wa gatatu nyuma yo kwimukira Madinah, ba Bani Qayinuqai baciye ku masezerano, maze intumwa abagota iminsi cumi ni itanu, nyuma bemera kugendera ku mategeko ye arabareka bari managa arindwi.
INTAMBARA YA UHUDI	Mu kwezi kwa Shawali nibwo habaye intambara ya Uhudi, ubwo abakurayishi baje guhorerabapfiriye mu ntambara ya Badri, baza ariya bantu ibihumbi bitatu, bagera Madinah, nuko intumwa Muhamadi asohokana n'abasangirangendo be Magana arindwi bajya kuri Uhudi, ariko indyarya zirabatenguha, mu gihe cya mugitondo intsinzi yari iya bayislamu, nyuma yaho Imana igerageza abayislamu intsinzi iyiha ababangikanya Mana, ingaruka zigera no ku intumwa y'Imana baramukomeretsa banamuka amenyo ye y'imbere, kuri uwo munsu kandi nabwo abamalayika baje gufasha abayislamu kurwana, muri icyo ntambara hapfuye abayislamu mirongo irindwi, barimo Hamuza mwene Abdul Mutwalib, na Musw'abu mwene Umayiru na Anasi mwene Nadwari na Handhalatu wogewe n'abamalayika n'abandi. Naho Twaliha we yarwanye neza cyane kuri uwo munsu, k'uburyo intumwa Muhamadi yavuze ati "Arabikwiye Twaliha" maze intumwa Muhamadi n'abayislamu bajya ku musozo maze Imana ibarinda ububi bw'ababangikanya Mana. Iyo ntambara Uhudi cyari igihe cyo kugerageza no kumenya abemera nyabo, Imana yagerageje mu abemera, inagaragaza indyarya inaha uwo ishaka kugwa k'urugamba rutagatifu. Nyuma y'intambara intumwa Muhamadi yumvise ko abakurayishi bagarutse na none bashakaga kurangiza abayislamu, nuko intumwa Muhamadi asohoka abasanga ari kumwe n'abayislamu hamwe n'ibikomere bari bagifite, abayislamu bageze ahitwa Hamuraul Asadi, abakurayishi barabimenya bacika intege basubira Makka.
UMWAKA WA KANE NYUMA YO KWIMUKIRA	Mu mwaka wa kane habayemo intambara y'iriba rya Maunat, yaguyemo Abasangirangendo b'abasomyi ba Qor'an mirongo irindwi, hanabamo intambara ya Bani Nadwiri, aho intumwa y'Imana yabagote maze Imana igateza ubwoba mu mitima yabo, intumwa ikabirukana mu muji wa Madinah, abo nibwo bamanukiweho na Surat Al Hashiri.
INTAMBARA YA MURAYISHI	Mu mwaka wa gatanu intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yagiye kurwanya Bani Musw'twalaq, agarukana intsinzi, ari mu nzira agaruka nibwo itegeko ryo gukora Tayamamu ryaje, ni nabwo yabayemo igikorwa cyiswe Hadithatul If'ki, ubwo indyarya zabeshyeraga nyina w'abemera Aisha (Imana imwishimire) wari usukuye, icyo gikorwa kikaba cyarababaje cyane Aisha ndetse n'intumwa Muhamadi, kugeza ubwo Imana imwejeje muri Suart Nuur, maze abamubeshyeye bagakubitwa ibiboko byo kubeshyera umuntu ubusambanyi.





INTAMBARA YA AL AHZABU

Mu kwezi kwa Shawali umwaka wa gatanu, nibwo habaye intambara ya Handaqi (Al Ahzab), ubwo abayahudi bumvikanaga n'abakurayishi n'abandi bafatanyije nabo kurwanya intumwa y'Imana n'abayisumu, nuko haterana abakurayishi na Bani Sulayimi na Bani Asadi na Fazala ndetse na Ashijau n'abandi bose hamwe bari ibihumbi icumi nuko berekeza Madinah.

Muri iyo ntambara Salmanul Farisiy yatanze igitekerezo cyo gucukura imiringoti minini yabakingira ibyo bitero, nuko intumwa Muhamadi asohokana n'abasangirangendo bagera ku bihumbi bitatu biking ku musozi wa Silau imiringoti ijya imbere yabo, bagirana amasezerano y'amahoro na Bani Qurayidwa, usibye ko nabo baje guca ku masezerano, bifatanyaga n'udutsiko twari twateye intumwa Muhamadi, maze intumwa Muhamadi yoherezayo Nuayimu mwene Mas'udi kubabaza impamvu baciye ku masezerano, maze bakoresha uburyo bwo kumucenga, nyuma yaho Imana yohereza utwo dutsiko ingabo z'umuyaga urimbura amahema yabo unamena ibiryo bari batetse umuyaga ubabuza amahwemo, utera ubwoba mu mitima yabo bituma bacika intege maze basubira Makka ntacyo bagezeho.

Maze intumwa Muhamadi yerekeza muri ba Bani Qayinuqai, abashyiriraho umuyobozi witwa Saadi mwene Muadha (Imana imwishimire), muri iyo ntambara hamanutsemo Surat Al Ahzab.

AMASEZERANO YA HUDAYIBIYAT

Mu mwaka wa gatandatu, intumwa Muhamadi yagiye gukora Umurat ari kumwe n'abasangirangendo be igihumbi na magana ane, maze bageze Hudayibiyat abakurayishi barabatangira bababuza kwinjira Makka, bagirana amasezerano yo guhosha imirwano imyaka icumi, ibyo byabereye Abayisumu intsinzi, nkuko Imana ibivuga igira iti "Mu by'ukuri, twaguhaye intsinzi ihambaye" Surat Al Fat'hu.

Mubyo ayo masezerano yagezeho, harimo ko Abakurayishi bagomba kuzareka Abayisumu bakinjira Makka umwaka ukurikiye ho bagakora Umurat, iyo Umurat ikaba iyo kwishyura mu kwezi kwa cumi na kumwe k'umwaka wa karindwi.

INTAMBARA YA KHAYIBAR

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) agarutse avuye Hudayibiyat nyuma y'iminsi makumyabiri, yagiye Khayibar mu majyaruguru ya Madinah agota abayahudi baho iminsi igera kuri makumyabiri, byananiye abayisumu cyane, abayahudi babonye bagiye kuhasiga ubuzima basaba intumwa imishyikirano, bagirana amasezerano yo guhosha imirwano bakava Khayibar ni myambaro bambaye gusa, maze intumwa Muhamadi abemerera ko bazajya bahinga imirima yabo bakagabana ibyo bejeje.





KUGARUKA KWA JAAFARI	Ubwo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yari Khayibar, nibwo Abu Hurayirat yageze Madinah yinjira Islam, kandi ninacyo gihe Jaafari mwene Abi Twalibi wari mwene Sewabo w'intumwa Muhamadi, yagarukiye Madinah we nabo bari kumwe bavuye mubuhungiro muri Habasha basanga intumwa Muhamadi muri Khayibar baje banazanye Aba Ashiari Abu Musa na bene wabo (Imana ibishimire).
INTAMBARA YA MUUTAT	Mu mwaka wa munani, nibwo habaye intambara ya Muutat, impamvu yayo n'uko Shurahabil mwene Amuri Al Ghasaniy yishe intumwa yari yoherejwe n'intumwa y'Imana ku mwami w'abaromani, maze intumwa Muhamadi yohereza abasangirangendo be ibihumbi bitatu, aba Zayidu mwene Harithat umukunzi we ngo abayobore, aravuga ati "Zayidu naramuka apfuye, Jafari mwene Abi Twalib abayobore, nawe napfa hayobore Abdullahi mwene Rawahat" nuko Hariqal we n'abo bari bafatanyije mu barabu babagabaho igitero kugizwe n'abantu ibihumbi magana abiri, bahurira aho bita Muutat, habera intambara ikaze hagwa abayobozi bose b'intumwa Muhamadi, hanyuma Khalidi mwene Walidi afata idarapo, ayobora neza intambara, abayisumu bitwara neza kugeza ubwo umwanzi w'Imana akaba n'umwanzi wabo arangiye.
KWIGARURIRA GUHAMBAYE UMUJYI WA MAKKA	Muri uwo mwaka wa munani kandi nibwo Banu Bakari ubwoko bwari bufatanyije n'abakurayishi bwateye butunguye Khuzaa bari bafatanyije n'intumwa Muhamadi, babikora batewe inkunga n'abakurayishi mu ibanga, iyo nkuru igeze ku intumwa Muhamadi agambirira kujya kwigarurira umujyi wa Makk, nuko Abu Suf'yan aya Madinah kuvugana n'intumwa Muhamadi kubyo Banu Bakari bakoreye Khuzaa ariko intumwa ntiyamwumva, Abu Suf'yan abwira Abubakar na Umari na Alliy ngo bajye kubwira intumwa Muhamadi ariko barabyanga, intumwa Muhamadi asaba Imana ko yahuma abakurayishi ntibamenye ko ashaka kubatera, Imana yakira ubusabe bwe, intumwa Muhamadi ajyana n'igitero cy'abantu ibihumbi icumi binjira mu mujyi wa Makka. Mbere yo kwigarurira umujyi wa Makka Sewabo w'intumwa Muhamadi witwaga Al Abasi mwene Abdul Mutwalib yinjira idini ya Islamu, mubyo intumwa Muhamadi yavuze mukwigarurira umujyi wa Makka yaravuze ati "Uwinjira mu nzu ya Abu Suf'yan araba afite umutekano, n'uwinjira mu musigiti araba afite umutekano, n'uwikingirana mu nzu ye araba afite umutekano" intumwa Muhamadi ntawe yarwanye nawe usibye uwagaragaje ko ashaka kurwana, kandi bari bakeya babujije amahoro intumwa Muhamadi n'abasangirangendo be, nuko intumwa Muhamadi atanga amaraso yabo. Intumwa Muhamadi amaze kwinjira Makka, akora Twawafu atambaye Ithiramu hanyuma ahamagara Othumani mwene Twaliha amusaba infunguzo za Al Kaabat, amenagura ibigirwamana byari mo n'ibyari iruhande rwayo, arangije asubiza infunguzo Othuman mwene Twaliha. Nyuma yo kwigarurira umujyi wa Makka hinjiye abantu benshi muri Islam, ndetse amako yose yatangiye kugana intumwa Muhamadi amubwira ko yayobotse Islamu.





GUSENYA IBIGIRWAMANA	Nyuma yuko Imana ifunguye umujyi wa Makka ibinyujije ku intumwa yayo, intumwa Muhamadi yohereje abantu gusenya gusa ibigirwamana byari mu nkengero za Makka, yohereza Amuri mwene Aswi gusenya ikigirwamana cya Suwaa, yohereza na Saadi mwene Zayidu gusenya icya Manata, yohereza na Khalidi gusenya icya Uza anohereza Twufayilu gusenya icya Dhul Kafayini hanyuma yohereza Alliy gusenya icya Twayii.
INTAMBARA YA HUNAYINI	Nyuma yuko ubwoko bwa Hawazinu bwumvise ko umujyi wa Makka wigaruriwe n'intumwa Muhamadi, biyemeje gutera intumwa Muhamadi maze bakusanya imitungo myinshi n'abagore n'abana babo, maze intumwa Muhamadi arabatera ayoboye abantu ibihumbi cumi na bibiri, abayisumu baterwa ubwibone n'ubwinshi bwabo, maze bageze mu kibaya cya Hunayini, ubwoko bwa Huwazinu bubamerera nabi cyane kugeza ubwo batatanye basiga intumwa Muhamadi kubera ubwoba, ariko bakeya muri Muhajiruna ndetse na bamwe mubo mumuryango we bagumana nawe, nyuma yaho Imana ishikamisha abayisumu bagaruka iruhande rw'intumwa bararwana kugeza ubwo Imana ibahaye intsinzi, maze Hawazinu bahungira Twaifu. Hanyuma haza abantu cumi na bane bo muri Hawazinu batangariza intumwa ko babaye abayisumu, maze bamusaba ko yabaha mu minyago arabikora ndetse aha n'abandi bantu.
INTAMBARA YA TWAIFU	Nyuma yuko intumwa Muhamadi arangije ikibazo cya Hawazinu, yafashe umugambi wo gutera Twaifu, nuko ajoye agota ibirindiro byayo iminsi cumi n'umunani, hanyuma agaruka atarwanye.
INTAMBARA YA TABUKI	Mu mwaka wa cyenda, habaye intambara ya Tabuki (Intambara yo mu bihe bikaze) yabaye mu gihe cy'izuba rikaze, mu gihe cyo gusarura imbuto no mu gihe abantu bakeneye igicucu, kubera icyo mpamvu kuja muri icyo ntambara byari igikorwa gikomereye abantu, mbere yuko intambara icyo yabaye gushishikariza abantu gutanga imitungo, maze Othuman mwene Afani atanga ingamiya magana atatu, anatanga amadinari igihumbi, intumwa Muhamadi aravugaga ati "Nta cyagirira nabi Othumani nyuma y'uyu muni" abasangirangendo nabo batanze uko bashoboye. Kuri uwo muni, indyarya zatengushye intumwa Muhamadi ndetse na batatu mu basangirangendo banze kuja ku rugamba nta mpamvu, aribo: Kaabu mwene Maliki, Hilalu mwene Umayat na Marara mwene Rabiya (Imana ibishimire), bashatse gutanga impamvu zabo nyuma yuko intumwa Muhamadi agarutse Madinah, kubera bo Imana yamanuye Ayat yo kwicuza igira iti "No kuri babandi batatu batagiye ku rugamba" Surat Tawuba: 118. Nuko Imana yakira ukwicuzwa kwabo, kebera ukuri kwabo, maze Imana ivuma indyarya muri icyo Surat ikatera kasha ku mitima yabo, icyo Surat yitwa Surat Al Fadwihatu, kuko yabashyize ahagaragara.





INTAMBARA YA TABUKI	Muri iyi ntambara intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yagiranye amasezerano y'amahoro na bene Ayilat bemera kujya batanga Jiziyat (amahoro) kandi yayagiranye na Jariba na Adhirahu, anabandikira inyandiko, anagirana amasezerano na none na Ukayidari wa Dawumat nabo bemera gutanga Jiziyat, intumwa Muhamadi yamaze Tabuki iminsi irenga icumi, asubira Madinah atarwanye. Intumwa Muhamadi amaze gusubira Madinah, Imana yamutegetse gusenya umusigiti wa Dwirari wubatswe n'indyarya, Imana iti "Na babandi (indyarya) bubatse umusigiti bagamiye kugirira nabi (abemera), guhakana (Allah), no gucamo ibice abemera, (bakanawugira) aho gutegerereza uwarwanya Allah n'intumwa ye" Surat Tawubat: 107. Intumwa Muhamadi iya kuwusenyi, iyi niyo ntambara yanyuma intumwa yarwanye we ubwe.
AMATSINDA Y'ABANTU YAJE KU INTUMWA KUMUBWIRA KO BAYOBOTSE ISLAM	Nyuma y'intambara ya Tabuki, ubwo bwa Thaqifu bwayobotse islamu, umwaka wa cyenda wiswe umwaka w'amatsinda y'abantu, akomo menshi atangira kuza ku intumwa Muhamadi atangaza ko yayobotse Islamu, arimo Banu Tamimu n'umukuru wabo Atwaridu mwene Hajibu A Tamimiy, haza nanone Twaiy n'umukuru wabo Zayidu Al Khayiri, haza na none Abdul Qayisi n'umukuru wabo Al Jarudiy Al Abdiy, haje na none Bani Hanifat barimo na Musayilamatul Kadhabu waje kubeshya ko ari intumwa.
HIJA YA ABUBAKAR	Mu mwaka wa cyenda, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yohereje Abubakar ayoboye igikorwa cya Hijat, akoresha abantu Hijat, anohereza Alliy ngo asomere abantu intangiriro za Surat Tawubat, no gutangariza ababangikanya Mana ko amasezerano yabo yanzwe, no kubatangariza ko nta mubangikanya Mana uzongera gukora Hijat nyuma y'uwo mwaka, nta n'uzongera gukora Twawafu ku nzu y'Imana bambaye ubusa nk'uko mu gihe cy'ubujiji byagendaga.
HIJA YO GUSEZERA	Mu mwaka wa cumi, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakozwe Hijat yo gusezera aiyana n'abayisumu, bo mu bwoko butandukanye no mu bihugu bitandukanye, kuburyo bageze ku bihumbi ijana, maze abigisha uko igikorwa cya Hijat gikorwa, abaha inyigisho ku munsu wa Arafah, anabasomera ijamba ry'Imana rigira riti "Uyu munsu mbuzurije idini ryanyu, n'inema zanyije nzibasenderejeho, kandi nishimiye ko Islamu iba idini ryanyu" Surat Maidat: 3. Intumwa Muhamadi abasobanurira ko idini ryuzuye kandi abashishikariza gushikama ku nyigisho ziri mu gitabo cy'Imana no muri Hadith, aziririza amaraso yabo, imitungo yabo no konona icyubahiro cya bamwe muri bo, izo nyigisho zikaba zarabaye izo ku sezera z'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
KOHEREZA USAMA AYOBWE IGITERO	Mu kwezi kwa swafari (kwa kabiri) k'umwaka wa cumi na rimwe, intumwa Muhamadi yateguye igitero kijya kurwanya Abaromani, agiye Usama mwene Zayidi ngo akibabwira, aragenda akambika aho bita Jurufu nuko bagerwaho n'inkuru y'uko intumwa Muhamadi arembye.





INCAMAKE Y'INTAMBARA Z'INTUMWA MUHAMADI

INCAMAKE Y'INTAMBARA Z'INTUMWA MUHAMADI N'ABO YATUMAGA N'UDUTERO SHUMA TWE

IMIRONGO YA QORAN YAMANUKIYE MURI ZIMWE MU NTAMBARA

Intambara zose n'abantu intumwa yoherezaga ndetse n'udutero shuma yohereje byose byabaye nyuma y'uko intumwa yimukira Madinah, mu gihe cy'imyaka icumi. Naho adutero shuma yohereje n'abantu yatumye biri hafi ya mirongo itandatu, naho intambara zo zari makumyabiri na zirindwi, ariko murizo izo intumwa Muhamadi yarwanye ubwe ni icyenda gusa, arizo: Badri, Uhudi, Handaqi, Qurayidwa, Al Musw'twalaqi, Khayibar, Fat'hu Makka, Hunayini na Twaifu, hakaba hari imwe mu mirongo ya Qor'an yamanukiye muri zimwe muri izo ntambara:

Intambara ya Badri: Hamanutsemo Surat Al Anfalu, iyo Surat ikaba yitwa Badri.

Intambara ya Uhudi: Hamanutsemo imirongo ya nyuma ya Surat Al Im'ran, uhereye ku ijamba ry'Imana rigira riti "Kandi wibuke (yewe Muhamadi) ubwo wazindukaga mu gitondo (ujya) gushyira abemera mu birindiro by'urugamba (rwabereye ku musozi wa Uhudi)" Kugeza Isurat igiye kurangira.

Intambara ya Handaqi, Bani Qurayidwa na Khayibar: Hamanukiyemo intangiriro za Surat Al Ah'zab.

Intambara ya Bani Nadwiri: Hamanukiye mo Surat Al Hashiri.

Intambara ya Hudayibiyat na Khayibar: Hamanukiyemo Surat Al Fatihu, yaciye amarenga y'intsinzi hanyuma intsinzi yaje kuvugwa mu buryo bweruye muri Surat Nasw'ru.

Intambara ya Tabuki: Yamanutsemo zimwe muri Ayat za Surat Tawubat.

Intumwa Muhamadi yakomerekeye mu ntambara imwe, ariyo Uhudi, abamalayika bamufashije kurwana intambara ya Badri, Uhudi na Hunayini, abamalayika kandi bamanutse mu ntambara ya Handaqi, ababangikanya Mana bata umutwe baratsindwa, abamalayika banabatera imicanga mu maso abahakanyi barahunga, intsinzi yabonetse mu ntambara ebyiri: Intambara ya Badri n'ya Hunayini, intumwa Muhamadi yarwanishije Minjaniqi mu ntambara imwe yonyine ya Twaifu, yanashyizeho ibikinga mu ntambara ya Handaqi mu ntambara imwe ya Ah'zab, agendeye ku gitekerezo cya Sal'manul Farisiy (Imana imwishimire).





UBURWAYI BW'INTUMWA MUHAMADI N'URUPFU RWE

UBURWAYI BW'INTUMWA MUHAMADI N'URUPFU RWE

Hanyuma Imana Nyagasani ihitishamo intumwa yayo, hagati yo kuguma ku isi no kuja guhura na Nyagasani we ndetse n'ijuru, maze ahitamo kuja guhura na Nyagasani we ndetse n'ijuru, hanyuma arwara uburwayi bukaze, asaba uburenganzira abagore be bwo kuja kurwarira kwa Aisha barabumuha, bigeze ubwo atagishoboye gusengera mu Musigiti, yategetse Abubakar ngo asarishe abantu, icyo kikaba cyari n'ikimenyetso kigaragara cy'uko azaba umusimbura w'intumwa nyuma yo gupfa.

Bigeze kuwa mbere Tariiki ya cumi na kabiri z'ukwezi kwa Rabiul Awali (kwa gatatu), umwaka wa cumi n'umwe, asohoka mu cyumba cye agera mu Musigiti abantu barimo gusari isengesho rya Al Fajir akuraho rido akingura umuryango abantu baramubona, abereka ko bakomeza isengesho, aramwenyura, hanyuma kugasusuruko nibwo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yapfuye, urupfu rwe rwabaye icyago gikomeye abayisumu bahuye nacyo, bajya mu bwingunge bukomereye, hanyuma abantu baza guterana bemeza Abubakar nk'umuyobozi wabo baramushyigikira, muri uko gutora Abubakar nta muntu numwe wabuze mo, kuko bari bazi ko ariwe wabaye uwa mbere muri Islam banazigaciro ke ku bantu bose nyuma y'intumwa Muhamadi.

Hanyuma intumwa Muhamadi arozwa yambikwa isanda imyenda itatu y'umweru, hanyuma ashyingurwa aho yapfiriye mu cyumba cya Aisha Nyina w'Abemera, ibyo bikaba ariyo Suna y'Imana ku ntumwa zayo ko zihambwa aho zipfiriye, asengerwa n'abantu ndetse n'amajini, Imana imuhe amahoro n'imigisha. Turahamya ko yasohoye ubutumwa, akagira abantu inama akarwana inkundura mu nzira y'Imana nyabyo, Imana imuhembere abantu be ibihembo biruta ibyo izindi ntumwa zahawe ku bantu bazo. Imana ishimwe.

UMUSOZO

HASAN MWENE THABIT UMUSIZI W'INTUMWA MUHAMADI YARAVUZE ATI:

MANA	NYAGASANI	UZADUHUZE	N'INTUMWA	VACU	MU	IJURU	RIZARIZA	AMASO	Y'ABANYESHYARI
MU IJURU RYA FIR'DAWUS NATWE KANDI URUTWANDIKIRE					YEWE NVIRUBUHAMBARE USUMBA BYOSE				
IMANA IMUHE AMAHORO N'ABATAMIRIJE INTEBE YAYO BASABE					N'ABEZA BOSE KU WAHAWA UMUGISHA AHMAD				





IKIZAMINI CYA GATATU

IKIBAZO:

NIBYO SIBYO

- ✳️ Yaragiye ihene, ariyo mpamvu yo kwihangana kwe n'impuhwe ze kubanya ntege nke n'abantu be ☐ ☐
- ✳️ Amaze kuzuka imyaka mirongo ine, yarasiwe n'umucyo w'ubutumwa, Imana imugirira Ubuntu imuha ubutumwa kuwa Gatatu ☐ ☐
- ✳️ Ibikorwa bibi by'abakurayishi byakomeje kwiyongera ku intumwa Muhamadi, bamugotera we n'abiwe mu mudugudu wa Abi Twalibi, imyaka itatu, asohoka muri uko kugotwa afite imyaka 49 ☐ ☐

- ✳️ Intumwa Muhamadi yavukiye Makka: ☐ Mu mwaka w'inzovu ☐ mbere yo kwimuka ho imyaka 53 ☐ Byose ☐
- ✳️ Intangiriro z'ihishurirwa ry'intumwa: ☐ Yakundishijwe kwiherera ☐ Inzozo z'ukuri ☐ Byose
- ✳️ Inzego z'ihishurirwa: ☐ Eshani ☐ Zirindwi ☐ Eshatu.
- ✳️ Inzego z'ivugabutumwa rye: ☐ Ebyiri ☐ Eshatu ☐ Eshani.
- ✳️ Hanyuma ayanwa we na roho ye ku musigiti wa Aq'swa, hanyuma ayanwa mu ijuru (.....) ku Mana, iramuvugisha, inamutegeka amasengesho: ☐ Yagiye n'umubiri we gusa ☐ Yagiye na roho ye gusa ☐ Yagiye umubiri we na roho ye.
- ✳️ Umusigiti wa mbere muri Islam: ☐ Uwa Makka ☐ Uw'intumwa ☐ Masjid Aq'swa ☐ Umusigiti wa Qubau
- ✳️ Guhindura Qibla byabereye: ☐ Makka mbere yo kwimuka ☐ Mu mwaka wa kabiri wo kwimuka ☐ Mu mwaka wa gatatu wo kwimuka.
- ✳️ Intambara ya Badri yabaye muri Ramadhani y'umwaka wa: ☐ Mu mwaka wa kabiri wo kwimuka ☐ Mu mwaka wa gatatu wo kwimuka.

UMUNTU WA MBERE WEMEYE

INTUMWA MUHAMADI:

ALLIY BUN ABI TWALIB

BILALU BUN RABAHI ZAYIDU BUN HARITHA ABUBAKAR

Mu bagabo	☐	☐	☐	☐
Mu bana	☐	☐	☐	☐
Abahoze ari abacakara	☐	☐	☐	☐
Abacakara	☐	☐	☐	☐





KURERWA KW'INTUMWA:	ABU TWALIB	ABDUL MUTWALIB	NK'IMYAKA UMONANI	ABDULLAH BUN ABDUL MUTWALIB	IMYAKA IRINDWI
Nyuma ya nyina ni Sekuru	☐	☐	☐	☐	☐
Apfa intumwa ifite imyaka	☐	☐	☐	☐	☐
Hanyuma arerwa na Sewabo	☐	☐	☐	☐	☐
Intumwa yikoreye	☐	☐	☐	☐	☐
Nyina yapfuye ataruzuzwa	☐	☐	☐	☐	☐

INTAMBARA ZE N'INTUMWA ZE:	IMYAKA 20	IMYAKA IBIRI	IMYAKA 27	9 MURI ZO	INTAMBARA 1
Buri ntumwa ze n'udutero shuma twe byabaye nyuma yo kwimuka					
Mu gihe:	☐	☐	☐	☐	☐
Intumwa ze n'udutero shuma					
Twe byari nka:	☐	☐	☐	☐	☐
Umubare w'intambara ze:	☐	☐	☐	☐	☐
Izo yarwanye ubwe:	☐	☐	☐	☐	☐
Iyo yakomeretsemo:	☐	☐	☐	☐	☐





ISHAKIRO RY'AMASOMO

Contents

ITANGIRIRO RY'IGITABO	2
IBISINGIZO BY'INTUMWA MUHAMADI	2
IKIZAMINI CYA MBERE	2
UMUYOBORO W'INTUMWA MUHAMADI	2
IKIZAMINI CYA KABIRI	2
BIMWE MUBY'UMWIHARIKO WE	2
UMURYANGO W'INTUMWA MUHAMADI N'ABAGORE BAYO	2
IGIKA CYA MBERE: MBERE Y'UBUTUMWA	2
IGIKA CYA GATATU: IGIHE CYA MAKKA	2
IGIKA CYA KANE: IGIHE CYA MADINAH.....	2
INCAMAKE Y'INTAMBARA Z'INTUMWA MUHAMADI	2
UBURWAYI BW'INTUMWA MUHAMADI N'URUPFU RWE	2
UMUSOZO	2
IKIZAMINI CYA GATATU.....	2
ISHAKIRO RY'AMASOMO	2



بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

Uburenganzira bwose kuri iki gitabo bwihariwe na nyiracyo Usibye uwaba ashaka kugicapa cyangwa kugisemura agamije kugitangira Ubuntu, ibyo yabikora ari uko abanje kubiharwa uburenganzira n'umwanditsi wacyo.

هينم
سرکان
..الموقع الرسمي للشيخ..

<https://alsarhaan.com>

NTIBYEMWE KUKIGURISHA